UBUMANA.

(Godhead)

Aka ni agatabo ko kwiga ubumana. Impamvu itumye nandika aka gatabo k'ubumana ni uko hari icyifuzo mu bantu b'Imana cyo kugira ubumenyi bw'uwo tumaraho ibihe tumusengana imbaraga. Ubumana muri iki gihe cyacu ni uguhishurirwa ngombwa. Ndetse Mwene data Branham yavuze ko ariko gukomeye. Ibintu byahishuwe byose kandi ko utagira ahandi ushingira atariryo banze ryo kwizera. Kubw'iyo mpamvu dufite gukora uko dushoboye tukamenya icyo Mwene data Branham yabivuzeho. Yatubwiye ko ikigendererwa cya Malaika wa 7 ari umurimo wo guhishura ubwiru bw'Imana nk'uko birebwa mu Byahishuwe igice cya 10.

Kuva mu butumwa **IKI NICYO KIMENYETSO CY'IMPERUKA MUGABO 62-1230 F.** 29: 5 *yavuze ngo, Nizera ko Malaika wa karindwi w'ibyahishuwe 10 ni Malaika w'igihe cya karindwi intumwa yo mu Byahishuwe 3:14. Ubu, reka nsome… reba… Aho na soma.-(umurongo 7) … Ubwo azatangira kuvuza impanda, ubwiru bw'Imana buzaba busohoye nk'uko yabibwiye abagaragu be b'ababahanuzi. Ubu itegereze uyu yari Marayika. Yari Marayika w'igisekuru cya karindwi, kubivuga hano, Ni Malaika w'igisekuru cy'Itorero rya karindwi wabonye ko … Aho Malaika ari. Ibyah. 3:14 ni Malaika w'itorero rya Lawodekiya. Page 30:1 Ubu, uribuka ubwo byavugwaga ku bamalaika no kubihe by'amatorero. Ubu muri ibi niho bigiye guhurizwa hamwe mu bimenyetso birindwi tugiye kuvugaho* .

Ubu Mwene data Branham aratwerekeza mu kuri ku murimo w'uyu Malaika wa karindwi ko ari inshingano imwe yoguhishura ubwiru bw'Imana umwo tubona uguhishurwa nyakuri kw'ibintu byose ari bwo Bumana. Atubwira ko Yesu yavuze ko ubu bwiru butahawe kumenywa na buri wese. Kandi anadusobanurira ubwo bwiru ubwo ari bwo.

Nubundi mu butumwa bwe **"IKI NI CYO KIMENYETSO CYA NYUMA MUGABO "62-12 30 F 30 – 3** *yaravuze ati, umva neza Malaika wa karindwi w'Ibyahishuwe 10:7 ni intumwa y'igihe cy'itorero rya karindwi. Urareba? Ubu, mwitegereze mu munsi – None reba hano. Ariko mu gihe cy'ijwi rya Malaika wa karindwi ubwo azatangira kuvuza impanda ubwiru bw'Imana buzaba busohoye. None ukuvuza iyi ntumwa, Maraika wa karindwi ari kuvugiriza ubutumwa bwe itorero rya Lawodekiya. sobanukirwa ubutumwa bwe: ntabwo yari Maraika wa mbere wahawe*

ibyo,uwa kabiri,uwa gatatu,uwa kane,uwa gatanu,uwa gatandatu,ahubwo bwahawe maraika wa karindwi.

Sobanukirwa, ubutumwa bwiyongeri burangiza ubwiru bw'Imana bwose bwanditswe mu gitabo – malaika wa karindwi arasoza ubwiru bwose bwasigaye budakomejwe neza. Hose muri ubu butsiko n'amadini. Malayika wa karindwi abahuriza hamwe akarangiza ubwiru – icyo nicyo Bibiliya yavuze; Bibiliya yavuze ko ari ukurangiza ubwiru bwanditswe mu gitabo 30- 5 – Ubu reka twandike bumwe muri ubu bwiru. Niba ushaka nawe ubyandike. Mbere ndashikira iyi scofield ibyo ivuga muri Matayo 13: Niba hari ibyo wari ushaka kwandika niba utaragira scofield Bibiliya urabasha gusoma ibyo atekereza ko ari ubwiru. None muri Mariko 11. Arabasubiza ati mwebweho mwahawe kumenya ubwiza bw'ubwami bwo mu ijuru ariko bo ntibabihawe … Ariko bo ntibabihawe. Ukuri kw'igihe gishize guhishwe ariko ubu kurahishuwe. Guhishurwa n'Imana ariko na bwo ni ibintu ndenga kamere biguma bityo nubwo biba bihishuwe.

Nuko Mwene data Branham arakomeje urutonde rw'ibyo guhishurwa n'uyu Malaiyaka wa karindwi uheruka.

IKI NICYO KIMENYETSO CYA NYUMA MUGABO 62-1230E – 31 – 1 *ubwiru bwa karindwi mu bw'Imana na Kristo, nko kuzura k'ubumana mu mubiri ari muri we ubwenge bw'Imana bubonerwamo no kubaha Imana bikagarukira umuntu.*

IKI NICYO KIMENYETSO CYA NYUMA MUGABO 62:1230E 31-2 *ubwo nibwo bumwe mu bwiru bw'uyu malaiyika agomba kurangiza, ni ubwiru bwose bw'Imana n'ibindi. Reka mvugane kino cyubahiro ntivugaho ahubwo mvuga kuri malaiyika w"Imana. Imbuto y'inzoka ubwo ni ubwiru duhishwe mu myaka yose. Ubuntu bugoroye, Atari uguhinyurwa, ahubwo ari ubuntu nyabwo. Nta cyitwa umuriro w'iteka kibaho. Muzashya imyaka miliyoni nyinshi, ariko icy'iteka ntigifite itangiriro n'iherezo. Kandi ikuzimu hararemwe, ubwo bwiru bwose ubwiru bw'umubatizo Umwuka Wera hatariho kumva, ariko umuntu wa Kristo agakorera muri wowe imirimo nkiyo yakoze.*

Ubwiru bw'umubatizo w'amazi aho abanyabutatu barengereye bakabishyira muri Data wa twese, n'Umwana n'Umwuka Wera. Kandi ubwiru bw'ubumana bwaturirwa mu mubatizo wo mu izina rya Yesu Kristo kuko igitabo cy'Ibyahshuwe cy'itorero ry'iki gihe ryari kwakira. Ayo ni amwe mu mayobera. Inkingi y'umuriro yongera kugaruka. Amen. Icyo nicyo cyari icyo kubaha tukakireba. 32-4 twaherezahe gutondagura ubwo bwiru twitegereza iyo nkingi y'umuriro yayoboraga abana b'Israyeri. Ariyo

yakubise hasi Sauli ajya i Damasko. Uwo umwe aziye mu mbaraga zisanzwe, akora bimwe bisanzwe, ahishura Ijambo risanzwe agumana n'Ijambo ku Ijambo na Bibiliya. Ukuvuza impanda bisobanura impanda y'ubutumwa. Kandi ukuvuza impanda muri Bibiliya bisobanura kwitegura intambara y'ibyanditswe.

Icyo kiri kwinjizwa munda? Intambara y'ibyanditswe…Pawulo yavuze ati… Niba ushaka kucyandika…. 1 Abakorinto 14:8 Pawulo yavuze ati: kandi n'impanda nayo ivuze ijwi ritamenyekana, ni nde wakwitegura gutabara? Kandi niba idafite ijwi ry'ibyanditswe, bihamirijwe, Uguhamirizwa kw'Ijambo ry'Imana rigaragaye, twamenya dute ko bari mu minsi y'imperuka. Kandi ubu mwibuke ko Mwene data Branham yerekanye ukubaho kw'i nkingi y'umuriro ku mugaragaro hanyuma y'imyakaa 2000 itaboneka. Mwene data Branham yatubwiye ko ubwiru Bw'ubumana bwahishuwe mu mubatizo ushitse. Rero niba ab'ubumwe babatiza mu kuri twifuriza iki marayika wa karindwi ngo aduhishurire umubatizo?

Ab'ubumwe bizera ko Mwene data Branham yari uw'ubutatu; kandi n'abutatu bizera ko Branham yari ari uw'ubumwe cyangwa Yesu gusa. None ni kuki bacyizera batya? Ni uko benshi bahamya ko babwiriza ubutumwa bwa Mwene data Branham barangije kwisuka mu bumwe batabizi. Urebe ubupapuro bandika baha abantu nanjye ndakwereka ubwo bukoreshwa n'abapentekote b'ubumwe. None, ni kuki abanyabutatu bizera ko Mwene data Branham ari uw'ubumwe kandi n'abo b'ubumwe bakizera ko ari uw'ubutatu? Ni uko atavugaga kimwe n'abo k'ubumana, Mwene data Branham yavuze ati **(UBUMANA BUSOBANUYE E-74)** *Abantu benshi mutegeye iki amatwi mwavuga ko Mwene data Branham ari uw'ubutatu. "Sindi we. Ntekereza ko mwese mutari mu kuri ab'ubumwe n'ubutatu. Atari ugutandukanya, ariko buri gihe ni ukugendera hagati y'inzira.*

None niba yari uw'ubumwe none ni kuki yabihakanye? Kandi niba atari ibyo noneho guhishura kwe ku umubatizo mu izina ry'Umwami wacu Yesu Kristo kugomba gutandukana kurusha umubatizo w'ubumwe.

Nabwo ukurikije iyo mirongo ikurikira turareba ko Mwene data Branham yahakanye ko atari **UW'UBUMWE** none twebwe abayoboke be twatekereza dute ko yari ari UW'UBUMWE mu ntekerezo ze no mu nyigisho. None ni kuki benshi bahamya ko bamuyoboka hamwe n'ubutumwa bwe, bakabwiriza inyigisho y'ubumwe? Nyabuneka ba uw'icyubahiro usubize iki kibazo mu mutima wawe. Ibaze ni iki ngo hagati y'inzira?

E-96TWEREKE DATA 53-0907.1A. *Hariho Imana Imwe, kandi ntadukanije ntumvikana n'ibibina by'abapentekote babyita* ***UBUMWE*** *nk'urutoki rwawe rumwe. Icyo kiraguye, mu kuri ntigishitse.*

E-32 NZASHUMBUSHA, 57-03-09. 1B. *Ni ukuri kotwebwe abantu b'ikigihe twizera ko hari batatu, Data, n'Umwana kandi mu Mwuka Wera ko ari abantu batatu b'Imana Imwe nzima. Ni imirimo itatu ntabwo ari Imana itatu. Ariko icyo kimwe… umva ubu, dutekereza ko cyari kibi mu Itorero rya gaturika ariko mwagurutse hano muri pentekote, nuko mwitanyaguzamo ibice. Mukora akandi gatsiko, mutangira ikundi kuntu. Mu cyimbo cyo kuza nk'ibyenese n'urukundo rwa kivandimwe n'ubumwe, uwa mbere yatangiye kureba ko abantu batatu b'ubumana bari mu muntu umwe Kristo Yesu, yari ukugaragara kw'Imana mu mubiri, atari undi muntu. Mwaricaye mutangira igitekerezo cy'ubumwe, nk'uko mubwita. . Nuko mutangira kugicuranga, muhindura Imana imwe nk'urutoki rwawe rumwe. Muzi ko icyo kidashitse. Mwe abasomye mubizi neza. Uriko cyari iki? Ni uko inzige zabanje kurya. Umwanya wo kwicara mukajya inama hamwe nk'igihe haje mu kuri kw'abapentekote batunganije imeza iruta n'abakuru babo bayigose "Ufite kujya kuri iki, ntukajye kuri iki. Ubabwirize ntukambwirize.*

Mwene data Branham yakomeje asobanura ngo ikigendererwa cy'umurimo wa marayika wa karindwi kurarangirana no guhishura ubwiru bugize **UBUMANA** bihamye ko umwana atari Uwiteka ko agomba kugira itangiriro.

IKI NI CYO GIHE BAGABO 62-1230 E 36-7. *Igitabo cyanditswe mu nda kirarangiye uyu malayika narangiza. Nyabuneka sobanukirwa iki. Mugihe ubutumwa bwa malayika wa karindwi burangiye ubwiru bw'ubumana, bw'imbuto y'inzoka, ubundi bwiru bw'ibindi, Umwana w'iteka ryose uko babivugaho.Yabasha ate kuba umwana w'iteka ryose,uko babivugaho.yabasha ate kuba uw'iteka ryose kandi iteka ryose ridafite itangiriro n'iherezo. Kandi umwana ni icyabyawe.Habamo bwenge ki?*

Nuko rero turebe ko ari ngombwa kuvanaho intekerezo zacu tukakira "Uwiteka aravuze"

Hariho ingingo nkuru amagambo y'ibanze umunani Mwene data Branham yavuze zifashe ku ubumana ko abo bahamya yuko bizera ubutumwa bw'Umuhanuzi w'igihe cy'imperuka bigomba kureka inyigisho y'ubumwe yabo. Bakareba aya magambo, bayahinduye imyigishirize yabo ifashe ku guhishurirwa kwa Yesu Kristo. Ndakora urutonde mu magambo makuru umunani imbere muri iki cyigisho hanyuma tuzabikurikirana mu burebure.
Aya niyo magambo y'ibanze uko akurikira.

UKURI 1) Mwnedata Branham ntiyihamije ko ari uw'ubumwe. Mu kuri yabyihakanije ho ko atari uw'ubumwe.

- **UBUMANA BUSOBANUYE E-74** *Benshi mutegeye amatwi iki murabasha kuvuga muti" Mwene data Branham ni UW'UBUMWE Sindi we. Ntekereza ko mwese mudashitse, ab'ubumwe n'ubutatu. Atari ugutandukana ariko buri gihe ni hagati y'inzira.*

URURI # 2) Mwene data Branham yavuzeko Imana atari imwe nk'uko urutoki rwawe ari rumwe.

TWEREKE DATA 53-0901,1A *Hariho Imana imwe gusa, Kandi ntandukanye, ntemeranya n'ubutsiko bw'abantekote buyita Imwe gusa nk'urutoki rwawe. Icyo ntigishitse. Mu kuri ntigishitse.*

UKURI # 3) Mwene data Branham yavuze ko Yesu atakwibyaye ngo yibere se.

- **ABAHEBURAYO 4:141-126-0901.ZE** *Nuko ub'ubumwe ab'ako gatsiko k'ubumwe bagitwaye bahindura Data, umwanaa n'umwuka Wera umurimo umwe n'umwanya umwe nk'uko urutoki rwawe ari rumwe. Icyo ntigishitse. Imana ntiyakabaye-. Yesu ntiyakwibyaye ngo yibere Se. Niba ariko, none yari ari…none se yakwibyara ate?*

UKURI# 4) MWENE DATA Branham atubwira ko itandukaniro riri hagati ya Data n'Umwana nuko nuko abana bafite itangiriro.

25. ABAHEBURAYO 7. IGICE 1 4.B 292 – 25- 57- 0915. ZE *ubu impamvu habaho itandukaniro hagati y'Imana na Yesu: Yesu yari afite itangiriro Imana idafite itangiriro. Melikisedeki yari adafite itangiriro Yesu yari afite itangiriro. Ariko Yesu yakozwe mu ishusho ye.*

UKURI #5) Mwene data Branham avuga ko Imana itigeze kuba muri Yesu kugeza aho abatirizwe muri Yorodani. Imana imuvamo ari i Getsimani kugira ngo apfe nk'umuntu w'umubiri.

282 IGISAKUZO –64-0206. IM . *Kandi uyu mwana w'umuhungu w'imyaka cumi n'i biri nta n'ubwenge aragira, kuki, umwana w'umuhungu w'imyaka cumi n'ibiri. Ise ntiyatuye muri we icyo gihe kuko yaje ubwo yabatizwaga. " yabonye Umwuka w'Imana amuzaho areba amujyamo ariko reba uyu mwana w'umuhungu w'imyaka cumi n'ibiri ari Ijambo yabyawe*

ari umusigwa urebe kuba umusigwa. Nguwo araho. Mbese ntimuzi ko ngomba kuba ku murimo wa Data.

- Umenye ko Mwene data Branham atubwira ko Data atigeze gutura muri we ikigihe. atubwira ko Imana yamugiyemo ku ruzi Yorodani amaze kubatizwa.

Mu butumwa, **ELISA UMUHANUZI 66- 1002. ZE E1** Mwene data Branham yavuze ati *" kandi Yesu umubatizo yabonye wari uw'Umwuka Wera, wari muri we, wamujeho ku mugezi wa Yorodani amaze kubatizwa mu mazi, Yohani arabihamya; yabonye Umwuka w'Imana umeze nk'inuma umuzaho. Kandi umenye igihe yazamuwe yohereje umwenda umwe yari yambaye wari: Umwuka Wera ku itorero.*

Kandi mu butumwa **ABANA B'IMANA BEREKANYWE. 60-0518 88** *yavuze ati: mu murima wa Getsimani , ugusigwa kwamuvuyemo, urabizi yari afite gupfa nk'umunyabyaha, yapfuye nk'umunyabyaha . Icyo urakizi atari ibyaha bye ahubwo ibyanjye na we.*

Kandi mu **KURASA KW'IZUBA: 65-0418** *Yavuze ati: igihe Imana yarebye hasi ku mubiri – (Umwuka wamuviriyeho mu murima wa Gestimani; (yari afite gupfa nk'umuntu)mwibuke nshuti zanjye wari umubiri w'umuntu, kandi ntiyari afite gupfa urupfu rubi nk'urwo; kuko utakwica Imana.*

E-40 UBUHAMYA WILLIAM BRAHAM 60-0210 *Benedata bashiki banjye turi abagabo n'abagore, dufite gupfa ariko Umwuka w'Imana uri muri twe ni yo Mana imwe yahuye na Mose mu butayu, yari muri Yesu Kristo ku isi kuko ubuzima burimo buhamya ko ari uwo Mwuka umwe ukora ikintu kimwe, ariwe sezerano rya Kristo. Oh…Nta mwanya wo guhagarara ho.*

UKURI #6) Mwene data Branham atubwira ko umubiri utari Imana, uretse ko Imana yari ituye mu mubiri.

IMPANO Z'IMANA IGIHE CYOSE ZISHAKIRA IMYANYA. 63-1222. 93. *Umuntu, umubiri siwe wari Imana ahubwo Imana yari mu mubiri.*

E-37. URUFATIRO RUKURU RWO KWIZERA. 55-0113 *Ubu ubwo yari hano ku isi yari ari icyo kureberaho gishitse cy'ubumana bwose. Yari ari ukuzura k'ubumana mu mubiri. Muri Kristo hari harimo Imana umubiri wa Yesu wari ingando y'Imana gusa .*

Nimwo Imana ikomeye yaturaga ikaba mu muntu. Wizera icyo, sibyo?Ugomba,gukizwa. Ugomba kwizera icyo.

UKURI #7) Mwene data Branham atubwira ko igihe Imana yabyaraga Yesu hariho bibiri bihamye, Umwe yari Imana undi yari Umwana w'Imana.

IMIBEREHO N'IMANA NI NDE 50-0815 018 *Aho niho yashyize Bibiliya ye Yambere. Icyo mu myaka ya mbere ya kera. Barebaga kuri ibyo bintu . Uyu musi afite Bibiliya yanditswe hano. Ariko yanditswe mu ijuru kugira ngo umuntu nararama akareba mu ijuru amenye ko Yehova Umuremyi atura hejuru. Kandi ndamureba. Yarebye icyo. Ndareba ategeka iyi si yerera iyo nk'uruziga. Icyo cyari hirya iyo. Iyizana hino hano. Ndareba uyu mucyo muto uza.*

None ubu dufite **BABIRI:** Data no kuva muri Data, havamo umucyo ariwe mwana. kandi ndareba ko uwo mwana ukurura isi akeyegereza izuba kugira ngo yumuke. Kandi atangira ku? Guterura amazi, atandukanya ubutaka, isi n'amazi n'ibindi.

Iki nta kindi gikora Imana ibiri. Hariho Imana imwe ifite Umwana. Ibyanditswe bimwita "Umwana w'Imana" ntibivuga ko ari "Imana umwana".

IBIBAZO N'IBISUBIZO 13-13, 53- 0729 007 *Nuko none, urebye neza mu itangiriro 1:26.Reka tubanze igice cya mbeere:Imana yavuze iti "Reka twe" twe ni … Reka tureme umuntu mu ishusho yacu "yacu" Tumenye ko hari uwo yavuganaga nawe. Yavuganaga n'undi muntu . yavuganaga n'ikindi kintu. "Reka tureme umuntu mu ishusho yacu ase na twe, kandi atware amatungo y'isi. Iyo witegereje mu irema ikintu cyaabaanje kureemwa ni ukurri wari umucyo. ukurikiranye irema, icyoremwe nyuma ni iki? "Umuntu." umugore yaremwe nyuma y'umugabo. Ni ukuri, icya mbere … icyaremwe nyuma mu byo Imana yaremye ni umuntu.*

UKURI # 8) Mwene data Branham atubwira yuko Yesu yari **UMUNTU** uhoraho kuko Imana yabaga muri we.

YEHOVAYIRE 56-0429 053 *Niyo mpamvu abantu batamumenye rimwe na rimwe yari Kristo uvuga cyangwa se ubundi ari umwana uvuga. Ibindi bihe yari Imana ivuga. yari umuntu usanzwe yari umuntu umwe ari umwana . Imana yari imurimo ari uruseengero rwayo. None se ni iki yakoze?*
Yagiye yiyamamaza ati, ndi umukiza, ibyo biranyuranyije. Yavuze ati "si njye ukiza indwara. " Yavuze ati "sinjye ukora imirimo ahubwo ni Data uba muri njye." Kandi muri Yohana 19 ubwo yabatizaga icyatumye anyura

ku birema, n'abacumbagira , n'impumyi n'abanduye akiza umuntu umwe wari urwaye kuko se niwe wamurarikiye kujyayo ngo akize indwara. Arigendera asiga bose baryamye aho, bagezaho bamubaza ikibazo. icyo nicyo kibazo bamubajije. Umuntu yikorera uburiri ku isabato.umva icyo yavuze Yohana 5:19 Ni ukuri Ni ukuri ndababwira yuko umwana ntacyo abasha gukora atabonye Se agikora, kuko ibyo Se akora n'Umwana aribyo akora "icyo nicyo yavuze?" "Ntacyo nkora kugeza ubwo Data anyereka icyo gukora."

REKA TUREBE IMANA 135 59-1129 *Navuze nti yari asumba …Imana yari muri we. Yari umuntu, ariko yari umuntu usumba abandi. Icya mbere yari umuntu umwuka wari umurimo yari Imana. Navuze ko Imana yari muri Kristo. Umukobwa avuga ngo "Aah oya." Ndavuga nti "itegereze mukobwa" Ndafata icyanditswe cyawe gusa. Yari umuntu, ariko yari umuntu-mana. Ubwo yamanukaga ku mva ya Razaro. Yarize nk'umuntu, icyo ni ukuri. Ariko ubwo yari ahagaze aho akarambura ibitugu bye bito avuga ati "Razaro sohoka" umuntu wari umaze iminsi enye apfuye aba muzima. Ahongaho yari aruta umuntu. Umuntu ntiyagakoze ibyo. Yari Imana mu mwana wayo.*

Ubu turangije kureba muri aya magambo makuru umunane twashobora kwinjira mu kigisho cyacu n'umutima ufunguye tureba impanvu Imana yatwoherereje Umuhanuzi uhamirijwe adusubiza ku itorero ry'ababyeyi ryababanje kwigisha mu by'ukuri ugenzure 2Yohana 3:1-9 uzabona ko Yohana yari umunyakuri kuzuye ubwo yahishuraga ko hariho Imana imwe n'umwana wayo 2Yohana 3:9.

Ubuntu n'imbabazi n'amahoro bituruka ku Mana Data wa twese no kuri Yesu Kristo umwana we bibana namwe mu kuri no mu rukundo. Umuntu wese arengaho ntagume mubyo Kristo yigishije ntafite Imana naho uguma mubyo yigishije niwe ufite Data wa twese n'umwana we. Yohana yeruye utubwira ko iyo udafite inyigisho ya Kristo uba udafite Imana. Kandi nyuma atubwira inyigisho ya Kristo iyo ariyo. Cyangwa se ati"ugomba kugira Data wa twese n'umwana.Jambo"byombi" bisobanura babiri atari batatu,atari bamwe, atari umwe, ahubwo babiri, kandi niba udafite babiri urebeye ku nyigisho ya Kristo nta Mana ufite. Abantu babiri ariko umwe gusa ni Imana. Uri Imana atura muri uwo uteri Imana. Yari Umwana w'Imana atari Imana mwana.

Mwene data Branhamu yagerageje kutugarura inyuma kuri uku guhishurwa kwa Kristo gukomeye, ariko abenshi mu bayoboke be batekereza ko bazi byinshi kumurusha kubireba Imana numwana wayo. **Na IRENE** yakoresheje insobanuro imwe yasobanuraga ubumana.

Mu bitabo bya **IRENE** arwanya ibinyoma igitabo cya gatatu urupapuro rwa mbere. Intumwa ntabwo zatangiye kubwiriza ubutumwa cyangwa se kugira icyo bandika kugeza ubwo bahawe impano n'imbaraga z'Umwuka Wera.Bigishaga Imana imwe gusa Umuremyi w'isi n'ijuru, muri iki gice, **IRENE** amaze kuvuga kuri Pawulo, Yohana na Luka. Yavuze ati" Abo bose batugaragarije ko hariho Imana imwe Umuremyi w'ijuru n'isi" bivugwa n'amategeko n'abahanuzi hamwe na Kristo umwe Umwana w'Imana. Niba hariho utakwemera uku kuri asuzuguye ubumwe bw'Imana.
Nta kindi aba asuzuguye Kristo Umwami wenyine niko bimeze na bwo aba asuzuguye na Data wa twese agahagarara amaze gucirwaho iteka urwanya kandi agahakanya agakiza ke. Nk'uko byari bisanzwe kuri abo barwanyaga ukuri.

Urutonde rw'andi magambo yavuzwe na ***IRENE*** *ni uru:*
IGICE CYA VI: UBUSOBANURO BW'AMAGAMBO YA YESU KRISTO NTA MUNTU WAMENYE DATA KERETSE UMWANA. N'IBINDI. ARIYO MAGAMBO ABAYOBYE BASOBANURA NABI.BAHAMYA NGO SE AHISHURA UMWANA KANDI UMWANA AHISHURA KO SE ATIGEZE KUMENYEKANA.

I. Umwami yihishurira abigishwa be ko we ubwe ari Ijambo ritanga ubwenge bwo kumenya Se, kandi kigahinyuza abayuda bibwiraga ko bafite ubwenge bw'Imana nubwo bangaga Ijambo ryayo ry'uwo Imana yimenyekanishirizagamo. Yahamije ko nta muntu wamenya Se keretse umwana. Kandi nta wamenya Se keretse Umwana kandi n'uwo Umwana ashatse kumuhishurira (11) Ni nako Matayo yabyerekanye, na Luka ni uko na Mariko ya mbere na ni kimwe. Kuko Yohana yari afite ako gace. Ariko abo (bigisha b'ibinyoma biyise abanyabwenge kurusha intumwa banditse umurongo muri ubu buryo. ***NTA MUNTU UZI SE KERETSE*** *Umwana nta no kumenya Umwana uretse Se, n'uwo umwana ashatse kumuhishurira. Babisobanura nk'aho Imana y'ukuri nta muntu wigeze kuyimenya keretse aho Umwami wacu yaziye. Kandi iyo Mana yavuzwe n'abahanuzi bahakana ko atari Se wa Kristo.*

II. Ariko niba Yesu yaratungiye kugaragara ubwo yaje mu isi nk'umuntu kandi niba Se yaributse mu gihe cya ***KAYISARI TIBERIYA*** *guha abantu ibyo bakeneye kandi bigaragara ko Ijambo ryayo ridahwanye n'ibyaremwe byayo. Byakabaye ngombwa ko hatagira indi mana ivugwa keretse Data wa twese analiyo mpamvu abenshi batabyitayeho, ndetse banga n'igice gikuru gisaba ubugenzuzi. byari bikwiye ko hataboneka ikibazo nk'iki. Kigatwara imbaraga nk'izo mu kuri kigahindura Imana n'ibindi hakabaho kurimbura kwizera umuremyi wacu Uduhamirisha ibyaremwe bye. Ubwo twerekeza ukwizera kwacu ku Mwana ni nako twari dukwiye kubana ugukomera kutanyeganyewa muri Data wa twese. Mu gitabo cye gihakanya MARCION Justin 2 kibivuga neza. Sinajyaga kwizera Umwana wenyine iyo avuga undi atari uwo waturinganyije. Akaturema kandi akatubeshaho. Ariko kuko Umwana w'ikinege yaje muri twe avuye kuri Se ar iwe waremye isi na twe akaturema akaba ariwe nyiri byose ategeka byose umurimo wo muntoki ze awuhurije muriwe. Kumwizera kwa njye kurahamye kandi n'urukundo mfitiye Data wa twese ntirwanyeganyezwa. Imana iduhabwa.*

III. Kuko nta n'umwe wamenya Data wa twese keretse anyuriye mu Ijambo ry'Imana. Ni ukuvuga ko Umwana ari we ugomba kumuhishura nta n'ubwo wagira ubwenge bwo kumenya Umwana. Keretse Se abyishimiye ariko Umwana akora ibinezeza Se. Kuko Se atuma, n'umwana yaratumwe araza kandi n'Ijambo rye rizi Se, kuko natwe tuzi ko Itarebeka kandi Ihoraho. Nuko rero mu y'indi mvugo ni Se bwite uzi Ijambo rye. Kandi uku kuri kose Umwami wacu yaraguhamije. Ubwo rero Umwana ahishura ubwenge bwo kumenya Se ku bwo kwerekanwa kwe. Kuko kwerekanwa k'umwana ni ko kumenywa kwa Se; yaravuze ngo kuko ibintu byose byerekaniwe mu Ijambo, kugira ngo tumenye ko Umwana waje ari we uzaba ubwenge ku bamwizera bwo kumenya Se. Yabwiye abigishwa be ati, "Nta muntu wigeze kumenya Umwana keretse Se nta n'uwamenya Se keretse uwo Umwana ashatse

kumuhishurira. Yishyira mu mwanya we n'uwa Se nk'uko bikwiriye kugira ngo hatagira undi twakira nka Se keretse uwo wahishuwe n'Umwana.

IV. Ariko uyu Se ni Umuremyi w'ijuru n'isi, nk'uko byerekanwa mu magambo ye bwite atari uwo w'ibinyoma wahimbwe na ba ***MARCION*** *cyangwa se na* ***VALENTINUS*** *cyangwa se* ***BASILIDES*** *cyangwa se* ***CAPOCRATES*** *cyangwa se* ***SIMONI*** *cyangwa se abandi bitwa "****GNOSTICS****" abiswe batyo ni ababeshya. Nta n'umwe muri abo wari umwana w'Imana keretse Kristo Yesu Umwami wacu uwo bigishaga barwanya bakishiriraho kwigisha Imana itazwi ariko iki ngiki bakwiriye kumva ko kibavuguruza. ni gute, atamenyena, kandi uwo bazi ni nde? Kuko ikizwi na bake ntikiba kitazwi ariko Umwami ubwe ntiyavuze ko Se cyangwa ko Umwana atazamenyekana na hato* ***(muri TATUM)*** *ku bw'iyo mpamvu ukugaruka kwe kwakabaye ikintu kitari ngombwa. Ni ukubera iki yaje hano? Kwari ukugira ngo atubwire ngo ntimugatekereze ibyo gushakisha Imana. Kuko itazwi kandi ntimuzayibona. Nk'uko n'abigishwa ba VALENTINUS Babeshye bahamya ko Kristo yabibwiye ba (AEONS) AEONS babo ariko iki na cyo ni ubusa. Kuko Umwami wacu yatwigishije ko nta muntu ufite ububasha bwo kumenya Imana keretse yigishijwe n'Imana n'ukuvuga ngo Imana ntiyamenyekana hatari Umwana kuko uku ariko gushaka kwa Data gushitse ko Imana yagomba kumenywa. Kuko abo Umwana azayihishurira bazayimenya.*

V. Kubw'iyo mpamvu byatumye Se ahishura Umwana inyuriye kubikoresho byayo ko agomba kwerekwa bose akakira abo bose bakiranuka bamwizereramo mu buzima butabora bw'umunezero uhoraho (rero kumwizereramo ni ugukora gushaka kwe. Ariko kubwo gukiranuka kwe.

Azabakingiranira mu mwijima bitoranyirije abo batizera kandi bagahora banga umucyo we. N'uko Se yihishuriye bose ubwo yagaragarije buri muntu Ijambo rye akanarivugana nabo, Ijambo rihamiriza bose Data wa twese n' Umwana kuko yarangije kugaragarira bose. Rero urubanza rwo gukiranuka rw'Imana ruzazira abo bose. Kimwe n'abandi bamubonye ariko ntibamwizere nk'abandi.

VI. *Kubw'ibyaremwe Ijambo rihishura Imana Umuremyi akoresheje isi arahamya Umwami Umuremyi w'isi kandi no kuremwa k'umuntu wavumwe n'uwahawe umugisha. No kubw'Umwana wabyawe na Se kandi ibintu mu kuri byereka abantu bose urugero rumwe ariko bose ntibabyizera kimwe. Ariko kubw'amategeko n'abahanuzi Ijambo ribwiriza bose ko we na Se ari umwe kuri bose. Kandi abantu bose bamwumvise kimwe ariko bose ntibizera kimwe. Kandi kunyurira mu Ijambo ryonyine ryiyerekanye kandi ryroshye rikagaragarira ubwenge ko Data wa twese yerekanywe n'ubwo bose*

batashoboye kumwizera uko bangana. Ariko bose babonye Se mo Umwana. Kuko Se ni ukugaragara k'Umwana kandi Umwana ni ukugaragara kwa Se. Kubw'iyo mpamvu abantu bavuganye na Kristo ubwo yari ku isi kandi bamwita Imana. Ni ukuri n'abadayimoni yaramwamamaje ubwo babaga babonye Umwana ngo turakuzi uwo uriwe Uwera w'Imana, n'umushukanyi aramureba amugerageza aramubwira ati "Niba uri umwana w'Imana" (2) ibibyose mu kuri bireba bivugwa ku Mwana na Se ariko bose ntibabizereramo.

VII. *Byari bikwiriye ko ukuri guhamirizwa na bose kandi kukaba intera imwe yo guca urubanza kubwo agakiza k'ukuri bizera. Kandi no gucirwaho iteka kw'abo batizera kugira ngo bacirirwe urubanza rutabera. Kandi kugira ngo kwizerera mu Mwana na Se bigaragarire bose kugira ngo babihabwe nk'inzira imwe yo gukirizwamo. Bakiriye ubuhamya bwa bose abo baburimo kuko abo baburimo aribo bakunzi babwo. Hamwe n'abo badafite ubumwe na bo n'ubwo ari abanzi babwo. Kuko icyo gihamya ari icy'ukuri kandi ko ntawashobora kuyihakanya ari cyo cyatangaje kandi n'abanzi be bagaccumitwa n'ubuhamya kubwa cyo bamaze kwemezwa n'icyubahiro kubw'ibyo byariho bitekerezwaho cyane kandi bifitiwe ubuhamya bwinshi nk'uko hanariho abo kubihamiriza (4) hanyuma gato haba hadutse urwango bahindukira kurega ibyo bahamyaga ko ari ukuri ndetse bifuza ko ubuhamya bwabo budatwarwa nk'ukuri. Kandi uwo wamenywe nta bwo atandukanye n'uwavuze ngo "Nta muntu wamenye Se keretse umwe. Uwo umwe Se yeguriye byose. Kandi yarahamirijwe na bose ngo yari uwo muntu kandi ko yari ya Mana yavuye kuri Data wa twese no ku mwuka no mu bamarayika no mu byaremwe ubwabyo no mu bantu no mu mwuka yaguye n'abadayimoni kuva ku umwanzi n'icya nyuma ya byose no mu rupfu. Ariko Umwana atwara ibintu byose ku bwase akora kuva mu Itangiriro kugeza mu iherezo kandi atari we ntawamenya ubwenge bw'Imana. Kuko Umwana ni we bwenge bwa Se ariko ubwenge bw'Umwana buri muri Se kandi yihishuriye mu Mwana kandi ni na cyo cyatumye Umwami abihamya ngo "Ntawamenya Umwana atariSe. Kandi ntawamenya Se keretse Umwana n'uwo Umwana ashaka kumuhishurira" (5) azahishura ntibyerekeza mu gihe kizaza gusa nkaho Ijambo ryari ritangiye kwerekana Se mu gihe yabyawe na Mariya ariko byari bishingiye ku bihe bitandukanye kuko Umwana ubwo yabayeho n'imirimo y'intoki ze kuva mu itangiriro ahishurira Se bose abo yishakiye naho ashakiye n'uko Se ashaka. Kubw'iyo mpamvu no muri byose no kunyurira muri byose hariho Imana imwe Data wa twese n'ijambo rimwe n'Umwana umwe n'Umwuka umwe, n'agakiza kamwe kuri abo bose bamwizereramo.*

Ubu murabona neza ko ***IRENE*** *yigishije ibihwanye n'ibya* ***PAWULO, YOHANA*** *Na Mwene data Branham bigishije. Hariho Imana imwe ariwe*

Jambo ni nawe uwo witwa Data uyu Mana kandi ariwe Data wa twese yari afite Umwana mu ishusho ye. Uyu Mana-Jambo yari afite Umwana mu ishusho ye yerekana, agaragaza Ijambo rye. Kandi uyu Mwana ni Ijambo ry'Imana rigaragajwe. Uyu Mwana wabyawe mu buryo budasanzwe. Afite umwanya udasanzwe mu guhishurwa kw'Imana ikomeye. Niwe guhishurwa cyangwa se gupfukurwa kw'Imana kuri twe.

None mbifuriza ngo mukomeze izo ngingo nkuru umunane zasobanuwe na Mwene data Branham. Mu gihe usoma wiga nta kintu kitagora mu guhindura imitekereze yawe.

Ukuri #1) Branham ntiyigeze yiyita uw'ubumwe, yangaga kuba uw'ubumwe.

Ukuri # 2) Mwene data Branham yavuze ko Imana atari imwe nk'urutoki rwa we rumwe

Ukuri # 3) Mwenedate Branham yavuze ko Yesu adashobora kwibyara.

Ukuri # 4) Mwene data Branham atubwira ko hari itandukanira rya Data wa twese n'Umwana kuko abana bafite itangiriro.

Ukuri # 5). Mwene data avuga ko Imana itigeze kuba muri Yesu kugeza aho yabatirijwe ku mugezi wa Yorodani. Imana ikongera ikamukaho mu murima w'i Getsemani kugira ngo apfe nk'umuntu.

Ukuri #6) Mwene data Branham umubiri utari Imana keretse Imana yari ituye mu mubiri.

Ukuri # 7) Mwene data Branham atubwira ati " mu gihe Imana yabyaye Yesu hariho ibintu bibiri. Umwe yari Imana undi ari umwana w'Imana.
Ukuri # 8) Mwene data Branham aratubwira ati "Yesu yari umuntu usumba abandi kuko Imana yari ituye muri we.Tuzi ko abanyabutatu batekereza kubwo gusobanukirwa ibyanditswe bibwira ko kureba Umwuka Wera n'Imana Data wa twese ari umuntu umwe. Tuzi yuko Imana ari Umwuka n'abayisenga bagomba kuyisengera mu Mwuka no mu kuri ariko ingorane nyakuri igaragara mu bubumwe batekereza ko bari muri ubu butumwa bagatekereza ko bafite ubumana bagereranyije intekerezo zabo kandi baguye nk'ab'ubutatu.

44 GUHAMAGARIRA YESU AHAGARAGARA 63 -0804.2. *Hari Imana imwe reba ko atari Imana itatu. Ni bangahe b'ubutatu bamaze kuvangirwa ab'ubumwe murebe uko mwavangiwe nk'abandi mukamugira*

umwe nk'urutoki. Aho murabona? Bose barangije kuvangirwa. Murebona? Icyo ko ari ukuri… Yakwibyaye ate? Urabona? Urabona ko atakwibyara. Kandi niba yari afite Se atari Umwuka Wera kandi niba Imana ari umugabo umuntu, rero ni…Umwuka Wera wari Se. Kandi Imana ni Se, Matayo1 ubwo rero yari ikibyarwa. Murareba nta ruhande wabishyiramo byose, ntibishitse. Yari Imana yigaragaje mu mubiri w'Umwana wayo yiremeye. Reba ubu ni Imana yaremye Umwana. 46 Rero mwa bakatolika mwe iyo muvuga Umwana w' Iteka ryose Ijambo nk'iryo murikura he nta bwenge mbona yaba Uwiteka ate kandi akaba umwana? Umwana ni ubyarwa; yaba uw'iteka ate? Iteka ntirifite itangiriro kandi ntirifite iherezo none yaba ate Umwana w'Iteka ryose? Biratangaje (47) iyaba aya amadini atarazambaguje ibintu sinzi icyaba, si igitangaza n'ubwo abantu batakwizera sinzi icyo bakwizereramo icyo ni ukuri. Icyo twari twifuza ni ugukora nka kera tugaruka muri Bibiliya uko ni ukuri koko, ni ukuri ko Yesu yari umuntu ku mubiri, ko yarushye, akananirwa. Aryamye iyo yarushye imbaraga zamuvuyemo ubwo yari Imana yajyaga gukora iki (49) ubu uravuga ngo mbese yagombaga kuba gute Imana n'umuntu? Urabona aho niho hari ubwiru. Reba mu mubiri yari umuntu, mu Mwuka yari Imana. Reba hari uwambanjirije ati mbese yasengaga nde mu murima i Getsemani? Ndavuga nti ndagusubiza nanjye nusubiza iki mbese wizera ko ufite Umwuka Wera? Yee. Ndavuga nti usenga nde? Umusenga ari he? Mu gihe uhamya ko ari we ufite kandi akaba ari we usaba reba abantu bapfa gufata imitekerereze mike bakabijyana busazi. Aho murabona, uko niko biba.

(T3) Uburero mu mwuka yari Imana Yesu niko yavuze muri Yohana 3 ngo igihe cy'umwana ari umuntu ubu uri mu ijuru kandi ahagaze hano kw'isi. Igihe cy'Umwana w'umuntu ubu uri mu ijuru. Iki wagisubiza ute? Reba yavuze ko yari mu ijuru kandi ahagaze na hano ku isi reba aho arabona ko yari akwiriye kuba Imana ibera hose icyarimwe. Reba ni ukuri ihora hose. Izi buri mitekereze mu kuba ishobora byose no mu kumenya byose, iyabera hose icyarimwe Murabona?

UBUMANA BUSOBANUYE 61-042503 26-1 *Natekereje ko Imana yari Se? Ubu mbese benedata afite ba se babiri? Ntashobora kubagira, niba ari uko bimeze yari ikibyarwa. Ni irihe yoboka-mana tuvugira aho ngaho? Ugomba kwemera ko Imana Data n'Umwuka Wera ari umwe mu mwuka. Ni ukuri ni byo. Ni Umwuka umwe.*

IGIHE CYO KWIHUZA N'IKIMENYETSO 63-0818 102. *Mbega igihe! Ni igihe ki turimo: igihe ubu bwiru bukomeye bw'Imana buri kurangira haraziramo ubumana; twerekwa ubwo aribwo; n'ubutsiko buto, n'uko byakomeje bikagera kure bikamuhindura bitya; umwe amukoramo iki, undi kiriya. Ariko Marayika w'Umwami yaramanutse azana ubwiru bwose*

abukuramo ukuri; arabwerekana. Aho niho bishitse neza mu byuzuye, nta handi wajya ni ibyo ngibyo, icyo ni cyo ari cyo.

None ni mpamvu ki twemera ko Imana n'Umwuka wera ari nk'igikumwe cyihariye, kandi mu gihe cyo gutandukanya Data wa twese n'Umwana ntidukoreshe ibya Mwene data Branham biri mu byanditswe yavuze. Ni koko abantu benshi barangije gutozwa n'inyigisho zidashitse. Ntitwari twiga ngo tugere aho intekerezo zacu zakira ibyo abahanuzi bavuga byose.

Muri **Luka 8:18,** Yesu yaravuze ati: "Nuko mwirinde uko mwumva: kuko ufite, azahabwa; n'udafite, azakwa n'icyo yibwiraga ko afite. Ubu ijambo (bite) Yesu akoresha ni iry'urugiriki "POS" risobanura ngo "Uburyo twumva" Yesu atwungura ubwenge ngo nuko twumva dufite kwirinda, kuko tubasha kuba twumva ariko ntidusobanukirwe kureba tutabasha kwitegereza nk'uko yavuze muri **Matayo 13:10-17** na **Mariko 4:11-12** Arababwira ati: Mwebwe ho mwahawe kumenya ubwiru bw'ubwami bwo mu ijuru, ariko abo hanze byose babibwirwa mu migani 12 Ngo kureba babirebe, ariko be kubibona, No kumva babyumuze ariko be kubisobanukirwa ngo ahari badahindukira bakababarirwa ibyaha byabo.

Kandi muri **Mariko 4:24**. Abababwira ati: Nimuzirikane ibyo mwumva urugero mugeramo ni rwo muzagererwamo, kandi muzarushirizwaho. Wongera kumenya yuko Yesu atubwira ati: mwirinde ibyo mutekereza ko mwumva, atubwira ko urugero tugeramo Ijambo ni rwo rugero tuzagererwamo. Nuko rero niba wakwegera ubu butumwa akayunguruzo ako ari ko kose uzabareba mu buryo bumwe.

MU BYIKIGIHE BIGARAGAZA UBUHANUZI 65-1206, P.66 *Mwene data Branham yavuze ati: Mesiya yari afite kuza anyuze mu gatsiko kabo atari icyo ntabe Mesiya. Ni ko bimeze n'uyu munsi. Niba utarebera mu birahuri byanjye nta bwo ureba na hato". urabona? Ni uko nguko niko bimeze uko ni ukuri. Twanga gutekereza dutyo, ariko uko ni ko kuri nyako*.

Ntekereza ko mu gushyira intekerezo zanjye mu byanditswe ndabona abampinyuza. Ariko hanyuma yo gusenga no kwitanga numvise mpaswe kwandika aka gatabo ntekereza ko bamwe babasha kuba barigishije kuri iki gisomo bakumva ko ibyigisho byabo byaba byarajyanye neza n'iki gisomo. Mu kuri mbyiringiye ntyo. Ariko njye ubumenyezi bwanjye bumbwira ko nashobora kugereranya ibintu neza ari njye ubyisomeye. Narangije gusanga na bwo iyo abantu bamaze kumva ubutumwa, igihe cyo kubuhamamo ntikubonera nko mu gihe basomye. Kubw'iyo mpamvu ngiye kugeza ku mugeni wa Yesu kristo ibintu byavuzwe byo mu Ijambo ry'Imana n'ibyo mu muhanuzi wayo w'igihe cy'imperuka bifashe kuri iki cyigisho gikomeye.

Sinahamya ko ari njye bubasha. Hariho uwahamirijwe umwe muri iki gihe. Nizera uwo kandi ubugingo bwanjye bwose ni we bwegamiye ku cyo yavuze. “Niringira ko na we urakora kimwe) Ndakora uko nshoboye kugira ngo mvuge ibyo Imana yavugiye kera mu Ijambo ryayo cyangwa kunyurira mu Muhanuzi wayo uhamirijwe.

Ibyo ngusaba wowe ni ugusoma gusa, no gusenga kugira ngo Imana iguhishurire ubwenge no gusobanukirwa kuri mu butumwa bwa William Branham bufashe ku bumana ku mushumba nsobabukirirwa ko abantu b’Imana bafite ibibazo bizima. Nuko rero mu kwitangana kumaramaza mbafasha, ndi gutera intambwe yo kwizera kandi nsangira na mwe icyo Imana yashyize ku mutima nsibiza ibibazo bifashe ku **BUMANA**

UBUMANA
PICXTURE OF CLOUD

INDEX URUTONDE
CHAPTER ON. IGICE CAMBERE

“LIFE” UBUGINGO
UBUMWE BURI HAGATI YA DATA WA TWESE N’UMWANA.

- IMPANO Z’IMANA ZISHAKIRA UMWANYA. 63-1222 93 *Umuntu, n’umubiri ntibyari Imana, Imana yari iri mu mubiri.*

- **AMAZINA YO KUROGOTA 62-1104 M: 34-2** *Ubu urebe: icyo basekaga kuri Yesu ni iki? Basekaga Yesu ko yari umuntu akigira Imana. Yari ari Imana, Imana yari iri muri Kristo. Urabona? Yarababwiye ati: “Mutareba njye kuko atari njye ahubwo ni Data utura muri njye! Urabona? Ubu narebaga ku gahungu gato kabyawe na Mariya. Urabona? Uwo ntayari Imana yari umwana w’Imana, ariko Imana yari muri uwo mubiri yari iri Imana. Niko yavuze ati “Niba ntakora imirimo ya Data nimunshire urubanza. None ni nde muri mwe wanshira urubanza. (Ubutizera Ijambo)?*

Ni Jambo ki Imana yavuze ntasohoye muri njye. (Icyaha ni ubutizera) Ni nde muri mwe undega icyaha? (Icyaha ni ubutizera) Nyereka. Niba ntakora imirimo ya Data noneho ntimunyizere. Ariko niba nkora imirimo ya Da… nubwo mutanyizera munyizezwe n'imirimo nkora kuko ariyo impamya" atari icyo "Data uri muri njye arihamiriza" kuko Imana yari muri Kristo yihuza n'isi. Urasobanukiwe.

IMANA.

Abakristo benshi iki gihe bajijishijwe n'icyigisho cy'ubumana nizera yuko urijijo ruva mu gice cy'ijambo "ubumana" ubwaryo. Ijambo rigizwe n'andi magambo ababiri "**Imana**" hamwe na"**umutwe**".

Twebwe nk'abavuga urongereza ijambo ubumana turivuga dufite ikigendererwa cyo kuvuga amagambo abiri "**Imana**" na "**Umutwe**" Nuko rero kubw'inyigisho idashitse abanyabutatu batekereza gatatu bakareba mu ntekerezo zabo imitwe itatu mu kuvuga maze ab'ubumwe cyangwa abaYesu gusa bahamiye kuri imwe; ariko iyo bakoze iki bahuriza hamwe imirimo y'Imana muri umwe ari cyo gishobye (**erroneous**) Mu kuri ari ijambo ukoresheje **WEBSTER** riva mu magambo abiri Imana na (**SUFFIX**) Umutwe cyangwa ubumana (**Godhead**). Ijambo **suffix** head rimenyesha "Imibereho cyangwa imibereho yo kubaho". Turi iyi mibereho mu gihe tuvuga ku buhungu, kimenyesha "imibereho, cyangwa imikorere, cyangwa imibereho yo kuba umuhungu. Twongera kurikoresha iyo tuvuga ku muhungu ukuze akagera mu busore, cyangwa mu bugabo cyangwa umukobwa ukuze kugera mu bugore. Muri aya magambo yose tureba imibereho yo kubaho; imiremere; cyangwa imimerere.

"Uguhama" kuri icyo kintu kibaho, n'imibereho y'aho kamere igeze, cyangwa aho yegereje; Muy'indimvugo tubona ukugaragazwa. Ijambo **boyhood** (ubuhungu) bivuga igihe, cyangwa imibereho yo kubaho, rihagarariye, kwerekanwa, cyangwa ukwerekanwa ko kuba umuhungu. No mu bugabo.

UBUMANA (GODHEAD) rero, ni imibereho, imiremere y'ikintu, cyangwa imibereho yo kuba Imana. Nuko rero, igihe tuvuze ubumana tugomba gutekereza mu guhagararira, kwerekanwa, cyangwa kugaragazwa, kw'ubugingo bw'Imana yonyine cyangwa kamere. Muri Bibiliya turasanga uvuze mu Rugiriki ijambo rikoreshwa ry'ubumana ni **THEIOS**; Icyo muri make kivuga ubumana **(Divine)** kandi rikoreshwa ku mbaraga z'Imana na kamere yayo, rimusohokamo **(His essence of being)** imibereho yo kubaho.

Muri aka gatabo turagenzuramo ibintu bitatu, bikuru by'ubumana, cyangwa "Ubugingo bw'Imana. Ntibishoboka ko wasobanukiwra ubumana utabanje gusobanukirwa imikorere ya "Ubugingo bw'Imana." Ingingo nkuru ya kabiri yo turagenzura ni ubumwe buri hagati ya Data wa twese n'Umwana, Ingingo ya gatatu mu byo tuzagenzura ni ubumwe buri hagati ya Data wa twese n'abana be.

Hanyuma ku gice cya nyuma turagenzura impamvu ari ngombwa gusobanukirwa neza Ubumana.

PHOTO OF BRANHAM

IGICE CYAMBERE
"UBUGINGO"

Mu gice cya mbere ndashaka ko navuga ku bumana cyane nibanze ku bumwe buri hagati ya Data wa twese n'Umwana we, uriko tutarakora iki tgomba kubanza gusobanukirwa **"UBIGINGO BW'IMANA"** *Turasanga itangiriro ry'ubugingo byavuzwe mu Itangiriro igice 1 n'icya 2. Mu Itangiriro 1:11. Turasenga Imana ishyiraho itegeko ry'ubugingo cyangwa itegeko, cyangwa kubyara ivuga. "Imana aravuga iti ubutaka bumeze ubwatsi n'ibimera byose byerere imbuto ku butaka, n'ibiti byarere imbuto ku butaka zirimo utubuto twabyo, igiti cyose cyere imbuto zikwiriye ubwoko bwa cyo. Biba bityo nuko rere, Imana ishyiraho iri tegeko ko buri mbuto igomba kubyara imbuto zikwiriye ubwoko bwacyo ari cyo kimenyesha ubwoko bwacyo.*

IMYUKA: IKIRERE CY'UMUBIRI 53-06 08A. *Ubugingo bukora agace kamwe ubwo kari ubugingo buto rero buri kantu. Buri kintu muri kamere ya cyo. Imbwa ku mbgwa, inyoni ku nyoni, umuntu ku muntu, ubugingo bukura ubugingo ku bana, akagingo, bikomezemo ubugingo buto, ku bundi, urugingo kurundi, kugeza aho ugera umuntu no gukura kw'ingingo, icyo cyashyizweho n'Imana ngo kibe gityo.*

- **KUGERAGEZA GUKORERA IMANA 65:1127b 335** *iyo uba warateguwe kuva mu Itangiriro ry'isi kubwa iryo Jambo, buri Jambo,*

rizakurikira Ijambo rijye hejuru y'irindi. Ku rungingo rw'umuntu rumwe ntirwaba umuntu ngo urundi rube urw'imbwa, urundi rube urw'ipusi; bugomba kuba ubugingo bw'umuntu. Ariko bugomba gutangirana n'ubwo bugingo buto. Icyo ni ukuri? Vuga, "Amen." (Iteraniro riti Amen. Umwanditsi.) Nuko, niba ariko rwari urugingo Jambo, kuva ubundi bugingo buhindura umutabazi atabizi mbere izindi ngingo jambo zose zihawe kurukora umubiri.

Nuko rero Imana imaze gushyira ho iteka ryo kubyara mu Itangiriro 1:11 ubwo yatangiye kuzana ubugingo mu isi. Hanyuma tubona Imana irema umuntu mu ishusho ryayo (umuronko 26-27) kandi mu gice 2, tureba Imana iza kwerekana icyo yaremeye mu mubiri. Imana ikora umubiri wo kwerekana ubugingo maze ihumekera mo umwuka w'ubugingo.

I Abakorinto 15:38 *Ariko Imana igaha umubiri nk'uko yawukageneye, kandi akabuto kose igaha ubugingo bwako ukwako.*

1 ABAKORINTO 15:40 *Kandi hariho imibiri yo mu ijuru, n'imibiri yo mu isi ariko ariko ubwiza bw'iyo mu ijuru buri ukwabwo n'ubwiyo mu isi na bwo buri ukwabwo.*

Ubu turi kugenzura ubugingo-mana reka tugaruke ku nkomoko y'Itangiriro ry'igitabo cy'itangiriro rya byose.

Dutangire kureba Mwuka w'Imana uzerera hejuru y'isi twumve avuga mu **Itangiriro 1:3-9**. Ubwo yabanje kuvuga umucyo ubaho kandi umucyo ni ikintu cya ngombwa mu kubeshaho ubugingo. Ubundi twumvise Imana ivuga byakoze ku mazi, amazi na yo ni icya ngombwa mu kubaho k'ubugingo. Hanyuma yo kuvuga ko umucyo n'amazi bibaho. Nuko nibwo yavuze ko ubugingo bubaho ubwabwo nuko ashyiraho itegeko ry'ubugingo cyangwa itegeko ryo kubyara mu muronko11. None turebye ibigize kubaho k'ubugingo no kububeshaho… Amazi n'umucyo hamwe n'ibitwara ubugingo, byitwa imbuto. Ubwo nibwo Imana yateye imbuto yose mu isi kubwo kuvuga Ijambo uko turongera kureba mu **2 Petero 3:5-7** aho Petero atubwira ko ibyo byose Imana yabikoresheje Ijambo ryayo.

***Itangiriro:1:** *Mbere nambere Imana yaremye Ijuru n'isi 2:Isi yari itagira ishusho, yariho ubusa busa, umwijima wari hejuru y'imuhengeri: maze Umwuka w'Imana yagendagendaga hejuru y'amazi. Imana iravuga iti "Habeho umucyo" . Umucyo ubaho. Imana ibona umucyo ari mwiza: Imana itandukanya umucyo n'umwijima.*

Imana yita umucyo amanywa n'umwijima iwita ijoro burira buracya uwo ni umunsi wa mbere.

Mwitegereze ko ubwa mbere Imana ivuze, "Ituma habaho ugutandukana. Ubwa kabiri Imana ivuze itandukanya amazi yo haruguru n'ayo hepfo. Ubwa gatatu Imana Ivuze habaho ubuzima bw'imbuto. Noneho ntekereza ko bamwe bavuga ko kubwiriza iyi nyigisho ari ukurema ibice. Ariko twerekanye ko Ijambo ry'Imana ritandukanya kuko ari ubugingo. Kandi koko ni ubugingo muri rusange. Hatabayeho gutandukanya uturemangingo ntabwo habaho kubyara kandi hatabayeho gutandukana gutewe n'Ijambo ry'Imana mu kuri nta kamenyetso k'ubugingo uba ufite.

Mwene data BRANHAM yavuze mu butumwa bw'Ibyahishuwe"5:2361-0618.66" Umuntu udafite inyigisho aba adafite umurimo w'Imana.

Tugomba kugira inyigisho, kandi niba tuvuga icyo umuhanuzi yavuze, noneho tuba dufite inyigisho ihamirijwe kandi izabyara ubugingo, ubugingo bw'iteka, kubera ko yongeye kuvuga mu butumwa, **Umuntu Wamurika Umucyo 63-0229m.** *95 Nta kintu cyashobora kuguha ubugingo keretse Ijambo ryavuzwe n'Imana. Ni yo nzira yonyine ubugingo bwanyuriramo ni mu Ijambo ryayo ryavuzwe.*

96. Noneho mu murongo wa gatatu turasoma: kandi Umwuka w'Imana wagendagendaga hejuru y'amazi. Nuko iravuga iti reka habeho umucyo, nuko umucyo ubaho. Nuko Imana ibona ko umucyo ari mwiza: twongeye gusoma mu muronko wa gatanu, Imana yita umucyo amanywa. Noneho ubwo Imana yabanje kuvuga tureba ko Ijambo rya yo ryazanye umucyo. Uyu mucyo ntabwo ari izuba kuko tureba ko umucyo wavuzweho mu muronko wa 14: Itangiriro:1:14-19. Nuko Imana iravuga iti: Mwisanzure ry'ijuru habaho ibiva bitandukanya amanywa n'ijoro; biberaho kuba ibimenyetso, nokwerekana ibihe n'iminsi, n'imyaka, biberaho kuvira mwisanzure ry'ijuru. Kugira ngo bivire isi biba bityo. Imana irema ibiva bibiri binini, ikiva kinini cyogutegeka amanywa, n'igito cyogutegeka ijoro, irema n'inyenyei. Imana ibishyira mu isanzure ry'ijuru kugira ngo bivire isi, kandi bitegeke amanywa n'ijoro, bitandukanya umucyo mu mwijima; Imana ibona ko ari byiza. Buragoroba buracya uwo ni umunsi wa kane.

Abantu batekereza ko uyu mucyo wa mbere uvugwaho ko ari izuba, ariko si byo. Nizera nkurikije ku byo Mwene data Branham yatwigishije, ko bivuga ku Mwana w'Imana. Kuko mu kanya muri iki gice turareba ibitwereka iby'izuba n'ukwezi umuronko 14 kugeza 19. Iyi mico yashyiriweho hano kugira ngo igerere ubugingo bukwiriye bw'imbuto z'Imana yashyize ku isi. None uyu ni wo mucyo wa mbere tureba mu Itangiriro. Mu butumwa

“**Ibibazo n’ibisubizo ku Itangiriro 53-0729.010.** *aravuga ati: mu Mana havamo Umwuka (**Logosi**), ariwo Mwana w’Imana*.

UBUGINGO 57-0602e-22. *Isoko ikomeye y’iteka ryose wari uwo Mwuka w’urukundo; ibyishimo, uwo Mwuka w’icyubahiro, uwo mwuka w’ukuri muri ubu butungane. Noneho, mu kubaho kwa Data, havamo Umwuka (**Logosi**) ari wo Mwana w’Imana. Ari wo wari Umubiri-jambo (**Theophany**), Ari wo Mubiri w’Imana ikomeye w’Imana ikomeye Yehova.* Imana yagiye mu mubiri-juru (**Celestial**). Iyo niyo Logosi. Ijambo ryavuzwe rivuye muri ayo masoko akomeye y’ubugingo rigakomeza. Kandi hariho umubiri-Jambo (**TEOPHANY**), Ari yo Mana yigize Jambo. None umubiri-jambo wahindutse umubiri usanzwe mu muntu Yesu Kristo. Noneho, niba Umwana w’Imana ari Logosi yaturutse ku Mana, noneho Imana nayo ubwayo ifite kubyara Kamere yayo. Kandi niba Ijambo ryavuzwe ari imbuto y’umwimerere, kandi iyo ni Imbuto-Jambo: niba ubonye ryabyara Logosi (Umwuka) byashoboka kuko ari Logosi (Umwuka). Niyo mpamvu Yohana Wera avuga ati: mbere na mbere hariho Jambo, Jambo uwo yahoranye n’Imana, Kandi Jambo yari Imana.

BISABA IKI KUGIRA UBUZIMA BWA GIKRISTO. 57-0113. E-42. *None ubu, ndabasaba kwitegereza; mu Itangiriro ubwo Imana ariyo Data, yitegereje kuri iyi si yononekaye ntihariho ikindi kintu uretse isanzure ry’umubumbe w’amazi. Nuko Imana yohereza Umwuka Wera ku isi, ari yo Logosi (Umwuka) yari ivuye ku Mana, nuko itangira kubundikira isi.*

IBIBAZO N’IBISUBIZO 64-0823E. 1019-108. *Ubu, iyo Nkingi y’umuriro ni Umwuka Logosi wavuye ku Mana, Umwuka Logosi ari wo kamere yo kuzura kw’Imana. Igihe Imana yahindutse ishusho irebwa n’amaso, yari ugusigwa kw’Umwuka ukomeye kwari gukomeza, wibumbira hamwe, Umwuka, Imana, Data, Logosi, wari hejuru ya Isirayeli ko… Yari ari Uwera, adashobora kugira icyaha. Hagombaga kubaho igitambo cy’amaraso aho muri Edeni. Nuko Logosi ihinduka umubiri iturana na twe, kandi aho Logosi (Umwuka) atura mu mubiri w’umuntu, ari wo wari igitambo. Igihe umuntu yaremwe mu ishusho ry’Imana…. Nuko Imana imanuka mu ishusho y’umuntu gucungura umuntu, ibyo byunze ubumwe bw’Imana n’umuntu. Ijuru n’isi birahoberana kandi birasomana, Imana n’umuntu barahoberana nk’umubyeyi n’umwana we. Igihe Logosi yari ihindutse umubiri igaturana na twe. Yesu aravuga ati, naturutse ku Mana, kandi ndajya ku Mana. Icyo ni ukuri? Nyuma y’urupfu rwe, no guhambwa, no kuzuka, no kuzamurwa, igihe umubiri wazamuriwe kwicara iburyo bw’Imana. Nuko rero simvuga y’uko Imana ifite ukuboko kw’iburyo, Imana ni Umwuka, ariko “Iburyo” bivuga, “mu mbaraga no mu butware*

bw'Imana." Kugira ngo muri iryo Zina buri kintu cyose mu ijuru kiryitirirwe kandi kirigandukire.

Buri kintu cyose mu isi kiraryitirirwa kandi kirarigandukira, Izina risumba amazina yose, **Yesu Krsto**. Noneho, uyu Mwuka (Logosi) wari muri we, wari Umwuka w'Imana, ugusigwa, ukunyurira mu buntu bweza bw'amaraso; bwazanye abana benshi ku Mana ariko gusigwa n'Umwuka umwe wa Logosi.

Mwitegereze Mwene data BRANHAM ari kutubwira ko Logosi yari Imana Data yari hejuru y'Abisilayeri, kandi ni yo Logosi yamanutse itura mu Mwana wayo. Na none mwitegereze ko wari Umwuka w'Imana wari muri we kandi nk'uko yasize Yesu ni nako yasize n'abandi bana.

Mwene data BRANHAM ntavuga iyi Logosi nk'ikintu runaka cy'amayobera, ahubwo ayita Umwuka w'Imana. Nibwo bugingo bw'Imana bwaje mu Mwana wayo, bumuremamo icyo arusha abandi nk'uko tugiye kubireba muri iki kigisho.

UBUTAHO BUZABAHO 04-0802 49-1 *Mwibuke ko Umwuka Wera wamanutse kuri Yesu, uwo ari igice cy'isi. Kuki? Imbuto y'Imana, ubugingo bw'Imana bwashyizwe mu nda y'umugore (icyo ni ukuri?) ni cyo cyari isi. Ni ukuri. Nuko ubugingo bw'Umwana burinjira nuko rero ryari itangiriro ry'ibyaremwe by'Imana.*

Mu gukomeza hamwe n'ibibazo n'ibisubizo pp 26 Mwene data BRANHAM akomeza kuvuga, ko, nta muntu wigeze abona Data igihe runaka. Nta muntu ushobora kubona Imana mu ishusho y'umubiri, kubera ko Imana ntiri mu ishusho y'umubiri, Imana ni Umwuka. Murabibona? Ni ukuri. Nta muntu wabonye Data, ureba gusa Umwana wabyawe na Data ni we wamumenyekanishije. "1Yohana... Murabona? Ubu, ariko mwitegereze, nta kintu kiriho. Hariho umwanya. Nta mucyo uhari, nta mwijima uhari, nta kintu na kimwe kiriho, bigaragara ko nta kintu kihari. Ariko aho ngaho hariho icy'indengakamere gikomeye. Imana Yehova: pp28. Ubungubu mwitegereze. Nuko hanyuma y'igihe gito ntangira kubona umucyo muto utangiye kwikora, nk'agacu cyangwa ikindi kintu: mushobora gusa kubirebesha amaso y'Umwuka mukareba ubungubu, igihe tureba itorero ryose ubu. Duhagaze ku rwibutso rukomeye, twitegereza ibyo Imana iri gukora kandi turabibona neza hano hepfo kuri iki kibazo. Murabona uko akikizanamo.

Ubungubu, nta n'umwe wabonye Imana. Kandi ubu ikintu gikurikiyeho dutangiye kubona, turebesheje amaso y'indengakamere, tubona umucyo

muto weruruka ukorerwa hariya. Icyo ni iki? Icyo cyiswe n'abasomyi ba Bibiliya "Logosi", cyangwa se "Uwasizwe" cyangwa se "Umusigwa" cyangwa Umu… Nk'uko nari ngiye kubivuga, Umu… Uru… Urugingo rw'Imana rutangiye kubamo ikintu runa kugira ngo abantu babone gusobanukirwa icyo cyari cyo: kari akantu gato, kigira gato… ari umucyo muto wagendagendaga. Wo…Wari Ijambo ry'Imana.

Noneho, Imana yibyariye uyu Mwana wari uriho hatarabaho n'akantu gato mu muyaga ngo gakore akandi kantu gato. Icyo cyari…… Reba, Yesu avuga ati, "Nyubahisha Data, Icyubahiro twari dufite isi itararemwa." Murabona, iyo hakurya …Mwitegereze Mwene data BRANHAM, atweretse ko rwari urugingo rw'Imana rwaje runyuriye mu kubyarwa, rukabyara Umwana w'umuhungu.

Muri Yohana I: Turasoma mbere na mbere hari Ijambo. Ubu dusomye iki gitekerezo dukurikije ikindi twakwishushanyiriza mu ntekerezo ikintu cyatwibutsa ibya Bibiliya. Mbere na mbere hariho Ijambo. **DRAWING OF BIBLE**. Kandi twareba mu ntekerezo zacu Ijambo rihagaraye ryose ubwaryo ryonyine.

Nuko Yohana akomeza gukurikirana iki gitekerezo agakomeza cyane ubwo yavuze ati, kandi Jambo yahoranye n'Imana. **DRAW BIBLE AND THE HEAD OF HOFFMAN**…Kandi ubwo dutekereza ko ari ibintu bibiri bigendagendana, Imana n'Ijambo. Kandi Mwene data BRANHAM yatubwiye ko mu gihe dukoze bene ibi tuzaba dusobanuye nabi ibyanditswe.

KRISTO YIHISHURIRA MU IJAMBO RYE BWITE. 65-0822. 1M
Gusobanura nabi ariko Yesu Kristo ari Ijambo, wamuhindura Imana Imwe mu mana itatu. Cyangwa se wamuhindura umuntu wa kabiri mu bumana. Kandi gukora utyo, icyanditswe cyose uba ucyishe. Ntaho washobora kugera. Nuko rero ntirifite gusobanurwa uko ritari.

Kuva mu butumwa, **Mbese ubu murizeye 54-0725 E12** *Yesu yeruye yavuze ko ntacyo akora keretse se abanje kumwereka ko agikora. Twese twizera ko yari yuzuye imbabazi no kugira neza, sibyo, twese? Twizera ko umuntu w'Imana uburyo wari muri we.*

Noneho turebye, ko igihe Imana yibyariye Umwana, rwari urugingo rw'Imana rwaje, ubugingo bw'Imana ubwayo buza mu Mwana wayo.

Imigani 8:22-36.
22. Uwiteka mu itangira ry'imirimo ye yarangabiye, ataragira icyo arema.
23. Uhereye kera hose narimitswe, uhereye mbere na mbere isi itararemwa.

24. Ikuzimu hatarabaho naragaragajwe, amasoko adudubiza, amazi menshi ataraboneka.
25. Imisozi miremire itarahagarikwa iyindi itarabaho naragaragajwe.
26. Yari atararema isi no mu bweru, n'umukungugu w'isi utaratumuka.
27. Igihe yaringanije amajuru nari mpari, igihe yashingaga urugabano rw'ikuzimu,
28. Mu gihe yakomereje Ijuru hejuru, no mu gihe amasoko y'ikuzimu yahawe imbaraga.
29. Igihe yahaye inyanja urubibi rwayo, kugira ngo amazi atarenga itegeko ryayo, kandi no mu gihe yagaragaje imfatiro z'isi.
30. Icyo gihe nari kumwe nayo ndi umukozi w'umuhanga kandi nari umunezero wayo iminsi yose, ngahora nezerewe imbere yayo.
31. Nkishimira mu isi yayo yaremewe guturwamo, kandi ibinezeza byanjye byari ukubana n'abantu.
32. "Nuko rero bana banjye nimunyumvire, kuko hahirwa abakomeza inzira zanjye.
33. Mwumve ibyo mbahugura mugire ubwenge, ntimubwange.
34. Hahirwa umuntu unyumvira, akaba maso mu marembo yanjye iminsi yose, agategereza ku nkomanizo z'imiryango yanjye.
35. Kuko umbonye wese aba abonye ubugingo, kandi azahabwa umugisha n'Uwiteka.
36. Ariko unshumuraho aba yononnye ubugingo bwe, abanyanga bose baba bakunze urupfu".

Nk'uko Mwene data BRANHAM yakomejemo mu bibazo n'Ibisubizo ku Itangiriro mu mpapuro 32 yakomejemo avuga ati, "ubu muri I Yohana aravuga ati, " mbere na mbere hariho Jambo. Kandi Jambo yari Imana kandi Jambo wo yabaye umuntu abana na twe."

Imana yibumbirira umuntu, noneho mwitegereze uko yabikoze. Ubungubu, hakurya iriya, ubwo, haje aka gaco gato kaje… Noneho, nta kindi twashobora kureba ubu, keretse amaso yindengakamere. Turareba agacu gahagaze hariya. Noneho uwo ni we mwana w'Imana, ari we Logosi noneho, ushobora kumureba akinagira nk'umwana muto uri imbere y'urugi rwase, mu guhoraho kose murabona? Kandi ubu, ubwo mugutekereza kwayo icyo gikorwa yatangiranye gutekereza ibizabaho, kandi washobora kumwumva avugati, "Reka habeho umucyo" kandi mu gihe yabikoze, ubuntu buto bwaraturitse, nuko izuba ribaho.

Ku bw'iyo mpamvu, twareba ko uwo mucyo wa mbere wo mu Itangiriro 1:3 ni Umwana w'Imana.

Pawulo yavuze kuby'uwo mucyo mu 2Abakorinto 4:6 aho yavuze ati, Imana yategetse umucyo kuva uturutse mu mwijima, ni yo yakiye mu mitima yacu kugira ngo imurikishe ubwenge bwo kumenya ubwiza bw'Imana buri mu maso ha Yesu Kristo.

Turongera dusange mu gitabo cy'Ibyahishuwe ko Umwana w'Imana ari we mucyo w'isi.

Ibyahishuwe 21:23: *Kandi urwo rurembo ntirungomba kuvirwa n'izuba cyangwa n'ukwezi, kuko ubwiza bw'Imana aribwo buruvira kandi Umwana w'Intama ariwe tabaza ryawo. Kandi mu gitabo cya Petero, yitwa inyenyeri yo kumanwa. II Petero 1:19 "Nyamara dufite Ijambo ryahanuwe rirushaho gukomera kandi muzaba mukoze neza nimuryitaho kuko rimeze nk'itabaza rimurikira ahacuze umwijima rigakoresha ijoro, rikageza aho inyenyeri yo mururururuturu izabandurira mu mitima yanyu.*

Kandi aritwa inyenyeri imurika ya mu gitondo. Ibyahishuwe 22:16. "Njyewe Yesu ntumye Marayika wa njye guhamiriza mwebwe ibyo ku bw'Amatorero. Ni njye gishitsi cya Dawidi n'Umwuzukuruza we, kandi ni njye nyenyeri yaka yo mu ruturuturu.

Kandi nani uwo mucyo umwe n'inyenyeri yo mu ruturuturu byagaragaye muri iki gihe, kuko we ni alfa na omega.

UKWEGERA IMANA 55-0123A E-17.
Twari turi kuririmba ibihe by'inyenyeri yo mu ruturaturu, Marayika w'Umwami ubwo yashoboye kugaragara ubwa mbere hejuru y'aho nari mpagaraye muri rubanda, ubwa mbere mu bantu banjye, mu mabaraza ya spring street mu ruzi rwa Ohio mu kwezi kwa Gatandatu 33, nk'umubwiriza muto w'umubatisita iyo abatiza.

Mu kuri Yesu ubwe yivuzeho ko ariwe uyu mucyo muri Yohana 8:12: Yesu yongera kubabwira ati ni Njye mucyo w'isi. Unkurikira ntazagenda mu mwijima na hato, ahubwo azaba afite umucyo w'ubugingo.

Ubungubu, bamwe muri mwe batekereza ko ibitagendana n'ibivugwa, Mwene data BRANHAM yavuze mu butumwa: **URUGI RUJYA MITIMA 60-0312 C-56***"Hanyuma y'urupfu rwe, guhambwa no kuzuka, Pawulo w'I Taruso mu rugendo rwe mu nzira ajya I Damasiko, yakubiswe hasi n'umucyo wamuhumye amaso. Kumara igihe yari impumyi. Uwo mucyo wari" Yesu –Kristo, ari we Mucyo w'isi". Mwitegereze Mwene data BRANHAM yari ari kuvuga kuri iyi Nkingi imwe y'umuriro.*

N’ubundi turareba Pawulo avuga kuri iyi Nkingi muri 2 Timoteyo 19*:”yadukijije, ikaduhamagara guhamagara kwera, itabitewe n’imirimo yacu, ahubwo ibitewe n’uko yabigambiriye ubwayo, no kubw’ubuntu bwayo twaherewe muri kristo Yesu uhereye kera kose, ariko none bukaba bwarerekanywe no kuboneka k’umukiza wacu kristo Yesu, wahinduye urupfu ubusa akerekanisha ubungingo no kudapfa ubutumwa bwiza”.*

UMUNTU WAMURIKA UMUCYO 63-0229 M. 80
Ijambo ry’Imana riza rivuye muri Bibiliya. Bibiliya y’Imana ni ishusho yanditswe y’Umwana w’Imana, kubera ko Bibiliya ivuga ko ari uguhishurwa kwa Yesu Kristo. Ni Imana iri kwihishura inyuriye muri Yesu-Kristo, kandi Kristo ni Ijambo. Kandi rifata umucyo w’Imana ukamurika ari ryo Jambo kugira ngo urihamirize kugira ngo rigaragaze ko Imana ikivuga ubugingo buhoraho. Ivuga…Umucyo kamere uzana ubugingo. Ubugingo buzanwa gusa n’umucyo, Ijambo ryaragaragajwe cyagwa ryigira umubiri.

UMUNTU WAMURIKA UMUCYO 63-1229M74
Ubugingo bwose… None ubugingo bwagaragajwe gusa n’Ijambo ry’Imana. Ubugingo buzanwa gusa n’Ijambo ry’Imana ryagaragajwe. Nk’uko buri mu gitabo nk’iki buri gihe cyose cyashobora kuba kikibazwa, ariko mu gihe kigaragaye, hanyuma kiba ikivuye mu mucyo cyavuye muri uko kugaragazwa, noneho uwo ni wo mucyo ku Ijambo. Murabona? Icyo ni cyo kizana…Ijambo ryavuze rityo, noneho mu gihe rije gusohora ubwo bugingo n’umucyo, umucyo uzana ubugingo umucyo uzana ubugingo.

Biba ingano hanze aha, nagira… yishyire mu rubaraza uyitwikire. Nta kindi cyose izabyara, kuberako bitashoboka, kuko nta mucyo uhari. Ariko igihe cyose umucyo uyirasiye, ubwo izabyara ubugingo niyaruka. Icyo nicyo kimwe nk’uko biri mu Ijambo. Murebe, Ijambo n’Imana, kandi iyo umucyo uzirasiye, wongera kuzanira Ijambo ubugingo buri gihe cyose byahoraga bityo. Turongera kureba muri 1Yohana 1:1 ko Imana ari Ijambo, kandi kuva muMana ari ryo Jambo, havamo Ijambo ryayo mu ishusho igaragara ubwa mbere n’ibitarebeka kandi mu bitarebeka hakavamo ibigarargara bigahindura ubugingo-Jambo bubaye ibigaragara, (**Yohana 6:63** *Ijambo rya njye ni Umwuka kandi ni ubugingo).*

Iki kigaragara ni cyo cyerekana ikitagaragara. Iri Jambo rigararagara ni ryo ritwara ubugingo-Mana butagaragara, imbuto y’umwimerere, n’iri shusho ry’ubugingo bugaragajwe ryari rizwi nk’umucyo wa mbere.

I **Yohana 1:1** mbere na mbere hariho Jambo –Jambo uwoyahoranye n’Imana kandi Jambo yari Imana. Uwo yahoranyen’Imana kandi Jambo yari Imana. Uwo yahoranye n’Imana mbere na mbere. Ibintu byose ni we

wabiremye, ndetse mu byaremwe byose nta na kimwe kitaremwe na we. Muri we harimo ubugingo, kandi ubwo bugingo bwari umucyo w'abantu.

Noneho ubu iki kitarabaho turasanga ko Imana yabaga yonyine. Ibyanditswe biri kutubwira hano ko mbere na mbere Imana yabaga yonyine, kandi tubona ko n'ibyanditswe bimutwereka nka Elohimu, (uwibeshaho ubwe) Itangiriro 1:1 mbere nambere Imana Elohimu, yibeshaho ubwayo. Imana yari yonyine kandi muriyo harimo ubugingo. Kandi nkuko yatangiye kuzana ubugingo, ubwambere yinjiye mumwana wayo, arirwo rubyaro rwayo, kandi jambo urubyaro bimenyesha gukomokaho.

None turabona, Imana isoko ikomeye y'ubugingo, itangira ugishushanyo mbonera cyayo kugira ngo yiyizuze, kandi itangira ukuzuza izanye bwa mbere Umwana. Tubona muri Yohana 5:26 "kuko Data afite ubugingo muri we, niko yabuhaye Umwana ngo ubugire nawe". Nuko rero dushobora gusoma icyo Dawidi yamenyesheje igihe yagaragazaga Imana nk'isoko ikomeye y'ubugingo Zaburi 36:9 "kuko aho ari ariho hari isoko y'ubugingo, mu mucyo wowe niho tuzabonera umucyo".

IGISAKUZO 61-121025.3
Yesu yakoraga imirimo ya Se kubera ko Se yari ari muri we.Niyo mpamvu imirimo yakozwe kubera ko Se yari ari mu mwana. Icyo murakizera.?Muri we, yari Imana yigaragaje. Icyo urakizi? Iyo Mana? Data, ari yo Se wa Yesu –Kristo, Umwuka ukomeye wari utuye mu kuzura kw'imbaraga za yo muri Yesu-Krsito, ari we wari ihema ry'Imana ryihinduye umubiri ritura ku isi ahagarariye Ijambo.

IGISAKUZO 61-1210 315 *Nizera yuko Yesu-Kristo ari Umwana w'Imana uhoraho, wabyawe n'umwari aratwita, Imana mu nda, ihema yagomboga guturamo. Nizera yuko muri Kristo arimo Imana yigaragarije. Ni Imana yigize umubiri. Igihe Imana Data yaje muri Kristo, yari ukuzura k'ubumana mu mubiri, muri we harimo kuzura kose. Imana Data ivuga amagambo. Yesu yaravuze ati, simvuga kubwa njye ahubwo ni Data uguma muri njye. Uko niko avuga. Nukorero kuri iyo ngingo we mu kwigira umubiri kugeza ubwo ashobora gupfa. Imana yishyura igiciro cy'igihano ku rubyaro rw'abantu kugira ngo abacungure, kandi abakuze, kandi baze ashyire hamwe ibintu byose byo yahannye byari byarazimiriye mu kugwa, hanyuma arucunguza ubugingo bwe bwite. Dawidi na Yohana bombi babona ibiranga Imana bibiri*

kimwe: bombi babona isoko ikomeye y'ubugingo.

21-129 ABAHEBURAYO IGICE CYA 57-0821*” iyi soko ikomeye y’Umwuka itaragize itangiriro cyangwa iherezo uyu Mwuka ukomeye utangira kubeshaho mu iremwa, kandi na Logosi wavagamo ajya hanze yari Umwana w’Imana. Yari ishusho yarebwaga gusa Umwuka wari ufite. Kandi yari tiyofani, bisobanura umubiri, kandi umubiri wari nk’umuntu.*

“2) ubu bugingo bwari buhagarariwe nk’umucyo ukomeye. Kandi igihe tubonye bwa mbere imvugo y’iyi soko ije, ni igihe Imana itangiye kuvuga ni iki tubona bwa mbere? Umucyo uravuzwe, kandi umucyo uzanye iki? Uzanye ubugingo bwari muri wo. Data ari kubyara Umwana we.

Ubungubu, ntitugomba kwitiranya Imana hamwe n’Umwana wayo Yohana ari kutubwira yuko Imana ari Ijambo. Abantu bamwe bakubwira ko Yesu, Umwana w’Imana ari Ijambo, ni cyo icyo. Imana ni Ijambo. Imana ni Logosi, kandi ni isoko ikomeye ya Logosi cyangwa Ijambo havamo Logosi mutoya, cyangwa Ijambo rivuzwe, kandi uwo yari Umwana. Mwene data BRANHAM amwita Yehova muto.

IGIHE CY’ITORERO RYA SIMURUNA 60-1206 147 *“None ubu niba hariho ishusho imwe y’ubugingo buhoraho, kandi ukayibona kandi tuyishakisha tunyuriye muri Yesu Kristo, ubwo ni bwo bugingo bw’Imana, nuko rero mu gihe aka karemangingo k’amaraso kamenekeye ku maraso y’Umwana w’Imana kandi uwo Yehova muto yari apfundikiriwe imbere mu muntu witwa Yesu…*

Iyi niyo mpamvu Mwene data BRANHAM yatwigishije itandukaniro rimwe gusa riri hagati y’Imana Data n’Umwana wayo ni uko Umwana wayo ni uko afite itangiriro kuko abantu bose bafite itangiriro.

Kuva mu butumwa **IMIBEREHO N’IMANA NI NDE? 50-0815 015** *Mwene data BRANHAM aravuga ati “Kandi twigishijwe ko mu Itangiriro ko Logosi cyangwa se Umwana w’Imana yavuye mu Mana. None ubu, sinizerera mu mwana w’iteka ryose. Icyo cyaba ari imvugo idatunganye kuvuga ikintu nk’icyo, umwana w’iteka ryose, yakagize ubwana bw’iteka ryose ate? Yagombaga kugira itangiriro. Murabona? 016 nuko rero mbere yari Imana, Yehova. Kandi kuva muri we reka dushushanye ubu nk’umukino wa tiyatire kugira ngo mubimenye. Reka turebe ukuva mu mwanya ahatari ikintu, reka tugikore umucyo muto wererukana, nk’umucyo w’iyobera, nk’agacu. Kandi iyo niyo yari Logosi yavuye ku Mana mu Itangiriro. Uwo ni we wari Umwana w’Imana wavuye mu gituza cya Se. Icyo ni cyo cyariho mu Itangiriro cyari Ijambo kandi Ijambo ryahoranye n’Imana, kandi Ijambo ryari Imana. Kandi Ijambo ryahindutse umubiri ribana na twe. Mu*

Itangiriro) mbere na mbere hari hariho Imana. Kandi mu Mana havuyemo Logosi, igice cy'Imana cyavuye mu Mana.

Mwitegereze, Mwene data BRANHAM yatubwiye ko twari turi urugingo rw'Imana gusa rwavuye mu Mana. Kandi tuzi ko buri mwana ubyawe, ni urugingo rwa se ruba ruri muri we. Mwedata BRANHAM yavuze mu butumwa, **GENDA UBWIRE ABIGISHWA BANJYE 53-04055 170**, *ni igice cy'Imana , (niba) ni urubyaro rw'Imana.*

Abaheburayo 1:1-5 *" Kera Imana yavuganiye na basogokuruza mu kanwa k'abahanuzi mu bihe byinshi no mu buryo bwinshi, naho muri iyi minsi y'imperuka yavuganiye na twe mu kanwa k'Umwana wayo, uwo yashiriyeho kuba umuragwa wa byose ari we yaremesheje isi- 3) uwo kuko ari ukurabagirana k'ubwiza bwa yo ni ishusho ya kamere n'ishusho ya kamere yayo, kandi akaba ari we uramiza byose Ijambo ry'imbaraga ze, amaze kweza no gukuraho ibyaha byacu yicara iburyo bw'ikomeye cyane yo mu ijuru. 1) Amaze kurusha abamarayika icyubahiro, nk'uko n'Izina yarazwe riruta ayabo 5) Mbese ninde wo mu bamarayika Imana yigeze kubwira iti " uri umwana wa njye, uyu munsi ndakubyaye?"Cyangwa ngo ivuge iti "nzaba Se na we azaba umwana wanjye."*

AMPLIFIED =Abaheburayo 1:1-5, *mu guhishurirwa kwinshi gutandukanye, buri kimwe muri ibyo gifitemo agace k'ukuri, kandi mu buryo butandukanye Imana yavuganye na basogukuruza inyuriye kandi ikoresheje abahanuzi. Ariko muri iyi minsi y'imperuka, yavuganye na twe Inyuriye mu muntu w'Umwana uwo yashyiriyeho kuba umuragwa wagenewe byose kubw' amategeko, kandi ariwe, kunyurira muri uwo, , kandi ariwe, kunyurira muri uwo, ariwe yaremesheje isi n'ibigize ikirere, n'ibihe by'igihe n'ibyo yaremye, abyara, arubaka, arakora, kandi abishyira muri gahunda. Niwe kugaragara k'ubwiza bw'Imana-ukubaho k'umucyo, ukurabagirana k'ubumana, kandi ni we kuzura kw'ibyanditswe kandi ni we shusho ya kamere y'Imana. Abeshaho, arinda ,ayobora,kandi azengurutsa isi Ijambo rikomeye ry'imbaraga. Igihe yari afite, kubwo kwitanga ubwe, yashohoje kudukuraho ibyaha n'urubanza, yicara iburyo mu cyubahiro cy'ubumana hejuru afashe umwanya kandi akujijwe kubw'uko we, we ubwe, ahindutse uruta cyane abamarayinka nk'uko Izina ry'icyubahiro yarazwe ritandukanye kandi rikaba ryiza kurusha ayabo. Kuko ni nde wo mu Bamalayika Imana yabwiye iti, "uri umwana wanjye, uyu munsi ndakubyaye, kandi nanone ngo, nzamubera Se, na we azambera Umwana.*

MWIZERE BITURUTSE KU MUTIMA 57-0623 E-46

Yesu yari umuhamya w'Imana ahinduka uwuzuye w'Imana, kugeza ubwo we n'Imana ari umwe. Imana itura muri Kristo, yiyunga n'isi ubwe, nk'uko

bigaragara umurimo w'umuntu werekana ingeso ze. Kristo yari umurimo w'Imana.Kandi Kristo avuga neza imibereho y'Imana, ukumva uburwayi kwe, kwifuza kwe ko gukiza imitima, kugeza ubwo atanga ubugingo bwe. Umurimo w'Imana… imibereho y'Imana yagaragarizwaga muri Kristo.

Nuko rero, turabona ko yari imvugo y'Imana.Uyu mucyo wa mbere w'Imana watanzwe wari Logosi wari igice cy'Imana cyiza ari imvugo y'Imana ni cyo yise Umwana wayo kandi binyuriye muri iyi mvugo, cyangwa Ijambo ryavuzwe cyangwa Ijambo ryagaraga jwe, Imana yabeshejeho ibyaremwe byose.

Abaroma 11:36: *Kandi byose ari we bikomokaho akabibeshaho, akaba ari na we tubikesha! Icyubahiro kibe icye iteka ryose Amen. Ariko, twibuke, ntabwo ari Umwana wari urikurema, ahubwo n'Imana yari iri mu Mwana iri gukora umurimo. Yesu nk'Umwana wayo yaravuze ati Yohana 5:19" Yesu arabasubiza ati" ni ukuri ni ukuri, ndababwira ukuri yuko ntacyo Umwana abasha gukora kubwe atabonye Se agikora, kuko ibyo Se akora byose n'Umwana ari byo akora.*

Abefeso 3:9. *Njijure bose ngo bamenye uburyo ibyo ubwiru bikwiriye kugenda, ari bwo bwahishwe n'Imana yaremye byose uhereye kera kose?*

Abakolosayi 1:15-17 *Ni na we shusho y'Imana itaboneka, Ni we Mfura mu byaremwe byose, kuko muri we arimwo byose byaremewe, ari ibyo mu ijuru cyangwa ibyo mu isi, ibiboneka n'ibitaboneka, intebe z'ubwami n'ubwami bwose, n'ubutware bwose n'ubushobozi bwose ni we wabiremye byose kandi rero ni na we byaremewe. Yabanjirije byose kandi byose bibeshwaho na we.*

None ubu, ni gute Imana yari iri mu Mwana wayo? Ibyanditswe bitubwira ko bwari ubwiru ukuntu Imana yari iri muri Kristo. 1 Timoteyo 3:16." S'ugushidikanya, ubwiru bw'ubumana burakomeye cyane: Imana kwerekanwa ifite umubiri, ikagaragara ko ari umukiranutsi mu Mwuka, ikabonwa n'Abamarayika, ikamamazwa mu banyamahanga, ikizerwa mu isi, ikazamurwa igahabwa ubwiza".

Inzira imwe Imana yashoboye gukoresha ubwayo ngo imenywe kwari ugutura mu Mwana wayo, Yesu Kristo, akababazwa n'urupfu, no kugeragezwa n'abana b'abantu! Yari afite ibimuranga byose ko Se yari ari muri we. 2 Abakorinto 5:19. "Kuko muri Kristo ari mwo Imana yiyungiye n'abari mu isi". Ibiranga Se byose bikomeye byari muri Kristo Yesu Umwana igihe yari ari hano ku isi. Ibyo Se yari afite byose byari ibye.

None ubu, Yesu ntiyari afite igitwikirizo cyo kwiyoberanya nk'uko ab'ubumwe bashaka kubyizera. Yari umuntu, nka we na njye hamwe n'umubiriwe, ubugingo n'umwuka. Ariko Imana yaje mu muntu uwo yagize Imana –muntu, kandi yari usumba abandi.

UBUGINGO BUHISHWE 55-10061 *Igihe Imana yari hano ku isi yabaye mu nzu y'ibyumba bitatu, ubugingo, umubiri n'Umwuka wa Yesu –Kristo.*

YEHOVAYIRE 11 56-0429 013 "*Niyo mpamvu abantu batashoboraga kumusobanukirwa. Rimwe na rimwe ni Kristo wabaga ari kuvuga… cyangwa ari Umwana uri kuvuga. Ikindi gihe ni Se wabaga ari kuvuga. Yari umuntu uruta abandi.Yari umuntu umwe, Umwana. Imana yari irimo, ari we uyibereye ihema. Ariko se yakoze iki? Yazengurukaga avuga ati " (ndi muganga) ndi Umukiza w'indwara". Bitandukanye cyane, yaravuze ati" sindi Umukiza" aravuga ati" Ntabwo ari Njye ukora imirimo; ni Data uguma muri njye. "no muri Yohana 19: ubwo yabazwaga ikibazo arikunyura ku bimuga, ku birema,abanyunyutse,impumyi, akiza umwe aryamye mu ngombyi aho ngaho, baramubaza. Umuntu yikorera uburiribwe ku isabato. Mwumve ibyo yavuze.*

Yohana wera 5:19: *Yesu arabasubiza ati" ni ukuri ni ukuri ntacyo Umwana abasha gukora ubwe atabonye Se agikora, kuko ibyo Se akora byose n'Umwana aribyo akora". Icyo ni cyo yavuze? "Nta cyo nakora keretse Data abanje kunyereka icyo gukora".*

131. REKA TUREBE IMANA 59-1129.. *Naravuze nti "yari arenze"… Imana yari muri we yari umuntu ariko yari umuntu uruta abandi. Hamwe yari umuntu; Umwuka muri we yari Imana. "Naravuze nti Imana yari iri muri Kristo. "Yaravuze ati" Oh oya". Naravuze nti "itegereze mugore, uzafata ibyanditswe byawe. Yari umuntu, ariko yari Imana-muntu. Igihe yamanukaga ku gituro cya Razaro, yarize nk'umuntu. Icyo ni ukuri ubwo yari ahagaze aho ngoho, yemye aravuga ati"Lazaro ngwino; nuko intumbi y'uwari amaze iminsi apfuye arongera aba muzima yari aruta umuntu. Umuntu ntiyashoboraga kubikora. Yari Imana mu Mwana wayo". None ubu, ubwo bukuru ntibwatangiye igihe yari mu mubiri. Tubona mu Itangiriro Imana yibyariye Umwana nk'uko twabigaragaje, nuko Imana ikorera muri uwo Mwana kurema ibintu byose.*

IMIBEREHO KANDI IMANA NI NDE? 50-0815 *aho yashyizeho bibiliya ya mbere. tugaruke muri ya minsi ya kera, barebaga ibyo bintu. Uyu munsi, yabonye Bibiliya ye yanditswe hano. Ariko yari yandikiwe mu ijuru uwo muntu yagombaga kurarama kandi akamenya yuko Yehova Umuremyi aba hejuru. Kandi none nshobora kumubona, yarebaga uwo… Ushobora*

kumubona abwira iyi si irikwerera nk'urubura, uko byari bimeze kose iyo hakurya. Kandi ayizanahano. Nshobora kubona uyu mucyo muto ugenda (usohoka). Ubungubu, TUBONYE BIBILIYA. Se, kandi muri Se havuyemo umucyo, Umwana. Kandi ushobora kubona uwo mucyo ugendagenda hano ukanakururira isi hafi y'izuba rikumisha no gutangira ku…?…Kuzamura amazi, gutandukanya ubutaka, isi gukurwa mu mazi, n'ibindi, ubungubu, iki nta kuntu cyakurwamo Imana ibiri. Hariho Imana Imwe ifite Umwana. Ibyanditswe bimwita "Umwana w'Imana", ntibyigera kumwita "Imana mwana".

IBIBAZO N'IBISUBIZO KU ITANGIRIRO13-13 53-0729 007 *Nuko noneho, niba washobora kwitegereza wegereye neza, mu Itangiriro 1:26; reka tubanze tuzane igice cya mbere. Imana iravuga iti: "Reka tu…." Ubu, "Reka tu" turi…"Tureme umuntu agire ishusho yacu ase na twe. "Yacu, ikintu, dutekerezako hari umuntu uvugana na Yo: Yavuganaga n'undi muntu. Tureme umuntu agire ishusho yacu ase na twe batware n'amatungo n'isi yose". Niba wakwitegereza mu kuremwa, ikintu cyabanje kuremwa, mu kuri, cyari umucyo. Ikintu cyaremwe nyuma cyari iki? Umuntu. Kandi umugore yaremwe hanyuma y'umugabo. Ni byiza, icya mbere,.. Ikintu cyaremwe nyuma mu kurema kw'Imana ni umuntu.*

BAGABO TWAREBA YESU 57-1211.021 *Noneho, Yesu yavukiye umugambi umwe, kwari ukugira ngo Imana igaragarizwe muri uwo mubiri. Imana yari iri muri Kristu yihuza n'isi. Yari umubiri wahinduwe ikigaragara, icyo abagabo n'abagore bashobora kureba ku cyo yatekerezaga no kwigaragariza abantu bayo mu gukomera kwayo. N'imitwarize yayo kuri buri muntu wese yabigaragaje muri Kristo.*
Kristo yari asa nk'aho yari umuntu usumba abandi. Yaravugaga rimwe narimwe bakishima imitwe kandi ntabwo bamusobanukirwaga. Yavugaga ikintu kimwe igihe kimwe, Gusa akavuga ikindi kintu ikindi gihe. Icyo cyari cyo, ni Yesu wavugaga, kandi na Kristo arikuvuga. Yesu yari umuntu, Kristo yari Imana muri we si njyewe ukora imirimo ahubwo ni Data uba muri njye ukora imirimo. Murabona Imana ntabwo izasangira icyubahiro cyayo n'undi muntu.

UMUTI MURI GALEYADI 01-0218080 *murabizi, Yesu mu kuri ku iherezo ry'umurimo we, abigishwa be ntibashoboraga kumusobanukirwa. Nta n'umwe wamusobanukirwaga. Ni gute icyo… Ni bangahe bazi yuko batashoboraga kumusobanukirwa? mu kuri. Kuki? Batekerezaga ko yari afite ubwenegihugu butandukanye. Oya. Rimwe na rimwe ni Yesu wavugaga, rimwe na rimwe yari Se wamuvugiragamo. Murabona, murabona? Uko byari bimeze, umuntu…*

IMBUTO YAWE IZAFATA IREMBO 62-0121M 086 Ni kuki Dawidi yavuze ati: sinzabona Uwera wanjye abora (Uwera wanjye abora) kandi sinzarekera ubugingo bwe ikuzimu? “Dawidi yarabivuze murabona, ubugingo, umubiri, n’umwuka byombi byaremwe n’Imana kimwe. Umugore ntiyari umubyeyi, yari umugore. Nizera yuko yari umugore mwiza wera. Mukuri ntiyari uwo kararira. Imana ntiyari gutoranya umurarizi wanduye (Umwami nabishaka, ndakomeza kukibwirizaho nijoro. Ariko umurarizi wa kera wanduye wo kuzana uwe kuzana Umwana we mu isi. Yatoranyije umwari utazi umugabo, utarigeze agira intangangabo cyangwa ikindi igihe Umwuka Wera wamutwikiraga, Kuberako Imana…? …, itagira Itangiriro n’iherezo yiremeye muri we: ubugingo, umubiri, n’umwuka wa Yesu Kristo. Icyo ni ukuri. Yari Umwana w’Imana wabyawe n’umwari. Icyo cyakoze iki? Cyamenye irembo ry’umwanzi. Haleluya eeh. Iki kiri kumbera kiza.

Matayo 3:16 *Yesu amaze kubatizwa uwo mwanya ava mu mazi ijuru riramukingukira abona Umwuka w’Imana Amanuka asa n’Inuma amujyaho, “maze ijwi rivugira mu Ijuru riti nguyu umwana wanjye nkunda kandi nkamwishimira.”*

Mwene data Branham atwigisha ko itabaye muri Yesu Kristo mu mubiri kugeza ubwo yabatijwe mu ruzi Yorodani Aravuga mu butumwa, **YESU KRISTO UKO ARI 55-0806031** *kandi igihe Yesu, umwana w’umubaji, kuvuga mu bubiri, igihe yaje hano ku isi ubwoyamenye, ku munsi Yohana yamubatirijeho, Imana iramuhamiriza. Imana Ivugira mu ijuru. Yohana amubona aje mu ishusho y’Inuma, aravuga ati, “uyu ni Umwana wa njye kandi nkishimira kumubamo. “Insobanuro ishitse ahongaho,” muri we nishimira guturamo.” Ako kanya Yesu asigwa n’Imana, yari umuntu kugeza icyo gihe, ariko ubu yahindutse Imana-muntu. Umuntu umwe aherutse kumbwira, nk’uko ibihe byinshi nkireberaho muri iki gihe kitihuta, ko yari umuhanuzi, yari umuntu mwiza. Yari aruta icyo.. yari Imana isizwe. Bibliya yaravuze iti, Imana yari muri Kristo (yihuza) yiyunga n’isi yo ubwayo. “Imana muri Kristo. Amen. Mucyitegereze. ukuntu ari kiza. Se, avugira mu ijuru, Igihe yari yumviye umubatizo avuga iti, uyu nguyu ni Umwana wa njye nkunda muri we nishimira guturamo”.*

Ntagitangaje Yesu yashoboye kuvuga ati: “ *nahawe ubutwari bwose mu isi no mu Ijuru”.*

MUBWIHISHO …56-0121E-58 *Muba munzu, ubugingo, umubiri, n’umwuka. Ubwo nibwo buryo Imana yabaga muri Yesu Kristo, ubugingo, umubiri, umwuka byombi. “Sinjye ukora imirimo, ahubwo niData uguma muri njye. “Murabona?*

Mwitegereze Yesu yari asizwe n'Umwuka Wera. ***IBYAKOZWE 10:38*** *Ni uriya Yesu w'i Nazareti, uko Imana yamusutseho Umwuka Wera n'imbaraga, akagenda agirira abantu neza, agakiza abo satani atwaza igitugu, kuko Imana yari iri kumwe na we.*

BITUMA TWUZURA 61-1001M 039 *Murabona, Aroni, umutambyi mukuru, mbere yuko yashoboraga gusigwa, yagombaga kozwa n'amazi nuko rero, igihe Yesu, mbere yuko yashoboraga gusigwa umutambyi wacu mukuru, yogejwe n'amazi. Kandi none ntabwo ari amavuta yogusiga yamusutsweho ngo asigwe, nk'uko Aroni yasigwaga amavuta; yasizwe n'Umwuka Wera. "kuko Yohana yahamije, abonye Umwuka w'Imana amanutse nk'Inuma, akamujyaho, n'ijwi rikavuga, riti "uyu ni Umwana wanjye nkunda muri we nishimira kubamo" nuko rero Bibiliya irabivuga, "Yesu yasizwe n'Umwuka Wera, akagenda akora ibyiza". Murabona, yari asizwe.*

ubungubu tumenye ko Imana yatuye mu Mwana wayo mu mugezi Yorodani kandi imurekera kumena amaraso anapfa nk'umuntu muri Getsemani. Mu byanditswe bikurikira twumva Mwene data Branhnam atubwira iki?

UMWAMIKAZI W'ISHEBA 60.0110075 *Nuko nyuma yo kubatizwa mu mazi Yohana abona Umwuka w'Imana amanuka asa n'Inuma kandi aza kuri we, ijwi riravuga rit"uyu ni Umwana wanjye nkunda (bitunganye gutya. nishimiye gutura muri we). Imana yari iri muri Kristo yiyunga n'isi ubwayo. Yesu yaravuze ati "Si njye ukora ibi, ni Data, Umwana ntacyo yakora ubwe keretse abonye Se agikora".*

UBUMANA BUSOBANUWE 61-01194 056 *Umwuka w'Imana nk'inuma amanuka kandi ijwi rivuye mu ijuru ryari hejuru ye rivuga riti uyu ni umwana wanjye nkunda, uwo nishimira kugumamo mu kuri ubusobanuro bushitse… Babona inshinga mbere y'ingirwa nshinga nk'uko umunyamahanga wese ari…" Uyu ni we Mwana wanjye nkunda muri we nishimira kubamo. cyangwa. "Uwo nishimira kubaho" uwo nishimira kubaho") Yari Imana yaje muri Yesu, kandi muri we harimo kuzura k'ubumana mu mubiri. Kandi hariho Data, Umwana, n'Umwuka Wera mu Izina rya Yesu Kristo.*

IGISAKUZO 64-0206b 074" *Igihe Yesu yari ahagaze aho ngaho, ku nkengero y'i Galilaya, Yohana ararama abona Umwuka w'Imana, nk'Inuma, Umanuka n'ijwi riravuga riti", uyu ni Umwana wanjye nkunda n'ishimira kubamo". "Muri we nishimira kubamo", ni cyo kimwe inshinga imbere yingirwa nshinga ni kimwe. murabona? "Uyu ni Umwana wanjye nkunda nkishimira kumuturamo." Imana n'umuntu bahinduka umwe*

kwishyira hamwe kubwo gucungura. Ukuntu Imana, yasibye icyuho n'igihe, yashoboye kumanuka yinjira mumuntu, nuko uwo yashoboye gusoma kurupfu kubw'abantu bose, umuremyi arapfa, ngo akize abo yaremye, ijuru n'isi birahoberana (birasomana)umuntu n'Imana bahinduka umwe (ni gute umuntu yashobora…) aho,kuko yashoboye gutura mu muntu agira ubumwe na we. nta kindi kintu uretse ko Imana yibumbye, igerageza kuza ku muntu wayo. Ikibazo ni uko abantu benshi bakomeza kudasobanukirwa ko hariho Imana imwe. Kandi ikaba afite Umwana. Ariko Mwene data Branham anyuriye mu murimo we ushitse yagaragaje neza ko Imana yari muri Kristo.

UMWANYA MURI KRISTO AD 3-60-01221M *Imana yari ifite Izina rimwe gusa, kandi Izina ryayo ryari Yesu. Yari Umwana wayo yitwa Izina ry'Imana ariyo Se, none ubu,Yesu, umubiri wari umuntu. Icyo turakizi. Uwo yari Umwana w'Imana wari ukingirije. Ntabwo twizereye mu bumwe, abantu bavuga yuko Imana imeze nk'urutoki rwa we twizera yuko hariho kamere itatu .. kamere z'Imana. Kamere itatu z'Imana, izo Imana yiyerekanyemo. Ariko hariho Imana imwe Murabona? Icyo ni ukuri ntitwizera. Twizeramu… Reka mbikore gutya, twizera ko Imana yakoreraga mu mirimo itatu. Yari ifite umurimo hano ku isi igihe kimwe.*

44. GUHAMAGARA YESU KU MURIMO 63-08042 *Hariho Imana imwe, murabona, ntabwo ari Imana itatu ohoo!Mbega ukuntu abantu bizera ubutatu bangana, babisonukirwa ari uruvange. Mbega ukuntu abanyabumwe babibona bivangavanze, bakamutekereza ko ari umwe nk'urutoki rwanyu. Ohoo. Murabona? Bari, bombi babibona ari uruvange. Murabona icyo ni ukuri… Ni gute yagashoboye kwibera Se? Murabona? Murabona, Ntashobora kwibera Se. Kandi niba yari afite undi Se hanze y'Umwuka Wera, kandi niba Imana ari umugabo, umuntu none ni… Umwuka Wera wari Se, kandi Imana ni Se, Matayo 1, None yari ikibyarwa.*

Murabona? Nuko rero ntimwashobora kubikora ukundi, mwebwe, byombi ni ibinyoma. Yari Imana yigararije mu mubiri w'Umwana wayo waremwe. Murabona? None ubu, icyo, Imana yaremye Umwana. 46 kandi igihe mwebwe abantu b'abanyagaturika muvuga muti, umwana w'iteka" mukurahe ijambo nk'iryo? Ntabwenge burimo kuri njye. yashobora ate kuba uw'iteka kandi akanaba umwana? umwana ni umuntu runaka ubyawe" yashobora ate kuba uw'iteka? Uwiteka ntafite itangiriro ntafite n'iherezo none yashobora ate kugira ubwana bw' iteka ? Oh mbega! 47 Niba aya madini adafite ibintu biri muri gahunda sinzi ibyo afite. Ntibitangaje kuba abantu badashobora kwizera, ntabwo bazi icyo bakwizera. icyo ni ukuri. Icyo dukeneye ni imikorere myiza ya kera kugaruka kuri Bibiliya. icyo ni ukuri.mu by'ukuri kirashitse icyo ni ukuri. None ubu, Yesu ari umuntu, mu

mubiri, yarananirwaga agahangayika. ubu aryamye ahongaho, ananiwe, imbaraga zamuvuyemo. nuko Ari Imana, Yashoboraga gukora icyo…

None ubu muravuga muti, “ni gute yashoboraga kuba Imana akaba n’umuntu? “ murabona, hariho ubwiru. murabona, mu mubiri yari umuntu mu mwuka yari Imana. Murabona mu mubiri yari umuntu mu mwuka yari Imana. Murabona? Umuntu umwe yarambajije ati, aravuga ati, “nonese yakoraga ate, yasengaga nde mu murima wa Getsemani? Naravuze nti “Ndagusubiza ari uko unshubije iki ngiki: wizera ko ufite Umwuka Wera?” Yego. Ndavuga nti “None se usenga nde? Iyo uri kumusenga aba arihe? Mu gihe, uvuga ko umufite kandi uri no kumusenga! Murabona? Abantu… hari ibitekerezo bafite bakabyirohamo, murabona, uko niko bigenda. 53 none ubu, mu mwuka yari Imana. Yesu yaravuze ati muri Yohana Wera 3, murabona, “igihe Umwana w’umuntu ubu uri mu ijuru kandi akaba anahagaze ku isi, igihe Umwana w’umuntu ubu uri mu ijuru” icyo mugisubiza mute? Murabona, none rero yavuze ko ari mu ijuru, kandi anahagaze hano ku isi. Murabona? Ohoo Mana yanjye! Murabona ko, yari afite kuba Imana, iba hose. Murabona? Mu kuri, ari hose. Azi buri gitekerezo. Mu kuba uzi byose, azi byose ashobora kuba hose. Murabona? Kandi igihe Yesu yari i Getsemani, Imana yaramuretse kugira ngo ashobore gupfa.

UMWANA W’IMANA WEREKANYWE 60-0518 PP88

Igihe yatakaga ubwanyuma, ati “eli, eli, Mana yanjye,Mana yanjye,” Uwo yari umuntu. “Ni iki kikundekesheje” Mu murima w’i Getsemani ugusigwa kwamuvuyeho, murabizi, yagombaga gupfa nk’umunyabyaha. Yapfuye nk’umunyabyaha murabizi, ntabwo ari ibyaha bye, ahubwo ni ibyanjye n’ibyawe. Aho niho urukundo rwinjirira, uko yafashe ibyanjye , Haleluya, uko yafashe ibyanjye.

KURASA KW’IZUBA 65-0118M 34-5 *None ubu, mwitegereze iki kigaragaza imbaraga, “Ubugingo” kizana ijambo. Ubwenge bwe ari muri Kristo bwari muri mwe rero. Ndi kugerageza kubereka, yuko mwebwe, igihe muzutse –igihe Imana yazuraga Yesu mu bapfuye, na mwe yarabazuye, kandi ibahana ubuzima nawe bwangu (ubu muhawe ubugingo bwangu) none rero,ariko nubwo mwari kamere mu ntekerezo zayo, ariko Imana yabonye byose kuri we ku iherezo. Murabona? igihe Imana yarebaga umubiri… (Umwuka wamuvuyemo mu murima wa Getsemani; yagombye gupfa nk’umuntu mwibuke nshuti, ntiyagombye kubikora. Yari Imana. Imana yasize uwo mubiri, wari umubiri w’umuntu, kandi utigeze agira… Niba yarazamutse iyo nk’Imana, ntiyari gupfa bene urwo rupfu ntawashobora kwica Imana. Ariko… Ntiyagombye kubikora, ariko mwibuke, yagiyeyo hamwe na mwe muri we. Murabona? Imana ntiyatandukanyije umugeni*

n'umukwe. Nuko rero igihe Imana yarebaga umubiri wa Kristo, yabonye ukigabo n'ikigore bose bacunguriwe muri uwo mubiri umwe. Murabona? Ni umwe, iryo, iryo jambo . Iryo jambo ryavuzwe n'umukwe abwira umugeni.

Igikorwa gitangiranye ukumanuka noneho ni nde wamanutse niba Yesu yaratwaye igitabo nuko akicara. Mwene data Branham yavuze mu kimenyetso cya **MBERE, 63-0318, 271**, *"Noneho, Umwuka Wera no guhishurirwa na Kristo ni Umwuka Wera ni Kristo muy'indi shusho . Icyo ni ukuri, ni umwana w'Intama wabumbuye igitabo, kandi Umwana w'Intama ni Kristo. Kandi Kristo ntiyigeze kurebwa ukundi kuva icyo gihe, ariko arikurebeka mu gitabo cy'Ibyahishuwe, mu gice cya 19. aza ku Farashi y'umweru.*

Noneho iki mukizigame mu bitekerezo kuko Mwene data Branham yavuze ati: “Umwana w’Intama ntiyongeye kurebeka kugeza ku Byahishuwe 19”. Turongera kureba ku rupapuro ***rwa 25:1 mu myuka iri mu nzu y’imbohe 63-1110m***. *Avuga ati Yohana ahindurwa no kureba intare none yabonye iki? … Umwana w’Intama uviririana. Umwana w’Intama watambwe kugeza ryari?...Kuva isi itararemwa. Umwana w’Intama araza, asanga uwari ufite igitabo mu kuboko kwe kw’iburyo nuko yakira igitabo. Azamuka ku ntebe y’Ubwami aricara. Ni koko. Byari birangiye. ryari? Mu gihe ibimenyetso byahishuwe.*

Kandi nanone mu ***PP. 34UYU MUVUGA KO ARI NDE****? “Yohana, ahindukira kureba intare, abona Umwana w’Intama watambwe, umwana w’Intama uviririana araza afata igitabo, azamuka kuntebe y’Ububwami aricara!!*

None rero tubona hano Umwana w’Intama yafashe igitabo mu gice cya 5(yabumbuye igitabo nuko aragenda, arazamuka nuko yicara kuntebe ya Se y’Ubwami. None ubu, twibuke, niba tutabona Umwana w’Intama ari umubiri mugice cya 5 kugeza ku gice cya 19, kuberako ari ku Ntebe y’Ubwami, None se ni nde waje mu Byahishuwe igice cya 10?

Nizerako ari umwe tubona mu 1 Abatesalonike 4:15-18 hatubwira ko Umwami ubwe azamanuka n’Ijwi rirenga iryo Mwene data Branham yavuze, ko Ijwi rirenga ari Ubutumwa buri kuvugwa, **“Ijwi rirenga Intumwa iteguza abantu**.” Nonese Umwami waje ni nde? “Umwami yabwiye Umwami wanjye”. Nuko rero uwamanutse ni nde? Uwo tuvugaho hano ni nde? Se cyangwa Umwana?Igisubizo cyacu kiri mu murongo wa 14 **1Abatesalonike 4:14***” Imana izazanana na Yesu abasinziriye muri we!! None ubu, iki kiratubwira ko Imana izazanana na Yesu cyangwa kiratubwira ngo Imana izazana nabo ubwayo*?

Mwibuke, mu Byahinduwe igice cya 10 tubwirwa ko igihe Marayika ukomeye uwo Mwene data Branham yise Kristo mu ishusho y’Umwuka Wera amanutse, mumenye ko azaza n’Ijwi Rirenga ari ryo Jwi rirangurura. Kandi iri Jwi rirenga rivuga nk’intare. Turasanga mu gitabo cya Amosi ko iri ari Ijwi ry’Imana ubwayo

Amosi 3:7-8 *“Ni ukuri Uwiteka Imana ntizagira icyo ikora itabanje kugihishurira abagaragu bayo b’Abahanuzi ibihishwe byayo. (Ubwiru) Intare iyo itontomye hari udatinya? Uwiteka Imana yaravuze; ni nde warorera guhanura!!* Noneho twareba icyanditswe kitubwira ko ari Ijwi ry’Imana riva mu ijuru rirenga kandi riranguruye. Nuko iri jwi riranguruye

ritontoma nk'intare, rigatera ubwoba abo bose baryumva kandi riba ari ijwi ry'Ubuhanuzi. Nuko ubu, tugomba gusobanukirwa yuko ari Imana ubwayo atari Umwana wayo uza muri ikigihe ahishura ubwiru bwe ubwe. Aho niho abantu benshi batakariye muri ubu butumwa. Ntabwo bazi uwamanutse kandi impamvu ni uko batasobanukiwe ubumana. urababaza uwamanutse, hanyuma bakakubwira ko ari Umwana w'Intama. Ariko Umwana w'Intama ari ku ntebe y'Ubwami kugeza ubwo yongera kubonwa mu byahishuwe igihe 19.

(1) None se Uwamanutse ni nde? Murasanga igisubizo mu Befeso igice cya mbere. Ni " Data wa twese w'icyubahiro."

Pawulo yatubwiye ko ari Imana abwayo izaza. **Abefeso 1:17-20** " Kugira ngo Imana y'Umwami wacu Yesu Kristo, ariyo Data wa twese w'icyubahiro, Ibahe umwuka w'ubwenge no guhishurirwa, bitume muyimenya; ngo amaso y'imitima yanyu abone uko ahweza mumenye ibyo mwiringizwa n'Iyabahamagaye mumenye n'ubutunzi bw'ubwiza bw'ibyo azaraga abera; mumenye n'ubwinshi bw'Imbaraga zayo butagira akagero, izo iha twebwe abizeye, nk'uko imbaraga z'ububasha bwayo bukomeye ziri."

Mu gitabo ***cy'IBYUMWERU MIRONGO IRINDWI BYA DANIYELI 67,61-0806*** *Yavuze ati " Umwuka w'ubwenge uza mu Itorero kugira ngo Itorero rimenyeshwe no guhishurirwa k'Umwuka Wera bizanwa mu Itorero kandi bigahishura igihe turimo.Kimwe nuko Gaburieli yaje kwa Daniyel, Umwuka Wera uraza mu Itorero mu bihe bya nyuma ngo uhishure ibintu by'ubwiru bukomeye. Ubu murasobanukiwe "Noneho turareba ko Imana iza n'Umwuka wo kurera bidutere kumenya ko ariwe umwe waje kandi ari we umwe wazuye Yesu.*

Mu **2 Abatesalonike** *igice 2 Turabona ko Umwuka Wera w'Imana ariwo ubuza ubugome kugeza igihe azaviraho kandi wamara kuva ku isi azajyana na twe mu muzamuko.*

Guhera ***PP 161-3 IKIMENYETSO CYA MBERE*** *Mwene data Branham aravuga ati"mwitegereza kandi igihe uyu Mwuka Wera dufite umaze kuduturamo, uwo uri hagati yacu ubu mu ishusho y'Umwuka Wera, ukaduturamo mu muntu wa Yesu Kristo, tuzamwambika ikamba ni Umwami w'abami… icyo ni ukuri. Murabona?*

(2) Noneho Ibyahishuwe igice cya 10 ntabwo kiri kuvuga ko ari umubiri wamanutse ariko kuza kwa kabiri. Ntabwo ari Umwana W'Intama, ni Umwuka Wera w'ibyanditse bihamya ko ari ukugaragara.

MU BUTUMWA BW'UBUNTU PP 30 *Yavuze, ati " Hari ikintu kimwe gitandukanye muri we mu kubaho kwe hano muri iki gitondo kurusha ukuntu yari ari mu bantu b'i Galilaya, Icyo ni umubiri we. Umubiri we bwite kubera ko wazamuwe (icyo murakizeye?) yicaye mu kuboko kw'iburyo bw'Ikomeye mu ijuru, Ahoraho, atwingingira mubyo twatura.*

TWAREBA YESU 57-0226 I1-14 *None ubu, niba ariko ari, hari ikintu kimwe cyamugira utandukanye ku cyo yari ari cyo mu gihe yagendagendaga mu nkengero z'i Galilaya: Ni uko adafite kuba ari mu mubiri. None ubu, Uwo mubiri warazamuwe, kandi uri ku Ntebe y'Ubwami y'Imana muri iri joro. Uzanesha azicarana nanjye ku ntebe yanjye y' umwami nk'uko nanesheje nkicara ku Ntebe ya Data y'ubwami.*

Noneho ndashaka kubabaza iki: Niba kuzura k'ubumana kwaramanutse, none ni buryo ki akiriho iteka ryose? Ni buzima ki bumubeshaho iteka ryose? Iki kibazo nakibajijwe mu w'1982 n'umwe muri benedata basobanukiwe ukubaho kwa Yesu Kristu ambaza iki kibazo. Niba ukuzura k'ubumana kuri hano none, noneho umubiri wa Yesu uri kuntebe y'ubwami y'Imana utagira ubuzima? "Sinari narigeze kubazwa ikibazo nk'icyo. Ariko hagira ikintu muri njye kivuga kiti, "mubaze uti Yesu yagiye ku musaraba ate niba Umwuka w'Imana waramuviriyemo i Getsemani? Ngeze aho mubaza iki ngiki, ndavuga nti "ndasubiza icyo niba washobora kumbwira uko Yesu yagiye ku musaraba avuye mu murima ubwo Mwene data Branham avuga, ati "Umwuka Wera wamuvuyeho ari i Getsemani.

Kandi ndavuga, nti (mbwira kuva ku kuvuka kwe kugeza imyaka mirongo itatu ubwo yabatizwaga, no kuva mu murima kugera ku musaraba, yari abeshejweho na mwuka ki niba Imana itarigeze kumubamo kugeza igihe yabatirijwe ukamuvamo ari i Getsemani?

Mu butumwa ***ELISA UMUHANUZI 56-1002. ZE E21***,
Mwene data Branham yavuze ati "kandi umubatizo Yesu yari afite wari umubatizo w'Umwuka Wera waturaga muri we, wamujeho ku mugezi wa Yorodani hanyuma yo kubatizwa mu mazi. Yohana arabihamya ko yabonye Umwuka w'Imana umumanukaho mu ishusho y'inuma. Kandi mwitegereze, mu gihe yazamuwe, yohereje uwo mwambaro umwe uwo yabaga apfutswemo: Umwuka Wera ku Itorero.

*Kandi mu butumwa**, ABANA B'IMANA BEREKANYWE 60-8 0818 8***
Yavuze, ati "mu murima wa Getsemani ugusigwa kwamuyemo, icyo

murakizi, yari afite gupfa nk'umunyabyaha. Yapfuye nk'umunyabyaha, icyo murakizi: Atari ibyaha bye, ahubwo ari ibyanjye nawe.

*Kandi mu **KURASA KW'IZUBA 65-0418** yavuze, ati "igihe Imana yarebye hasi ku mubiri…(Umwuka wamuriyemo mu murima wa Getsemani; yari afite gupfa nk'umuntu) mwibuke nshuti zanjye ntiyari afite gukora icyo. Yari Imana. Iman yasize umubiri, uwari umubiri w'umuntu, kandi yari idafite… iyo aba yaragiye hejuru aho nk' Imana ntaba yarapfuye urupfu rusa rutyo kuko ntiwakwica Imana.*

Noneho tugarutse inyoma mu gusobanukirwa ubumana, mwibuke, twavuze ko ugomba kubanza gusobanukirwa ubugingo. Noneho reka dusubire inyuma n'ubundi turebe uko Imana yo yatanze ubugingo bwose ukuntu yatangiye kuzana ubugingo bwayo.

E18 IMIBEREHO N'ICYO IMANA IRI CYO? 50-0815

*Iri gukora iki? Kwandika Bibiliya yayo ya mbere. Mwitegereze, abantu babanje kujya bareba mu ijuru. Kandi yashyize inyenyeri zose mu ijuru na Zodiaki, gutangirana n'umwari agaherukana na LEO ariyo ntare. Ukuza kwambere kera Yesu Kristo n'ukuza kwa kabiri kwa Yesu Krsito. Yaje anyuriye mu mwari kandi yongera kuza anyuriye mu ntare yo mu muryango wa Yuda. Aho niho yashyize Bibiliya ya mbere. Ohooo, mbega iyo mu bihe bya kera! Ibyo nibyo barebagaho. Iki gihe ifite Bibiliya yayo yanditswe iri hano. Ariko yari yarayanditse mu ijuru kugira ngo umuntu arebe mu ijuru nuko ahuguke amenye ko Yehova umuremyi aba mu ijuru. Kandi noneho ndamubona, yarebye kuri icyo…. Nshobora kubona imbuto y'iy'isi imanitse kimwe n'urubura; icyo aricyo cyose hejuru iyo. Hanyuma arakizana ikigeza hano. Kandi nshoboye kubona umucyo mutoya usohoka**. **Noneho ubu dufite bibir**i. Data wa twese, kandi no muri Data wa twese havamo umucyo, Umwana. Kandi nshoboye kubona uwo mucyo uva hano, ukurura isi uyegereza izuba kugira ngo uyumutse. Kandi gutangira?…Uzamura amazi hejuru, gutandukanya ubutaka, isi iva mu mazi, n'ibindi. Nuko atangira kurema. Arema amafi yo munyanja, arema ubuzima bw'ibimera. Ashyira inka ku musozi. byose bimubera byiza. "Nuko iravuga, it" reka tureme umuntu mu ishusho yacu ase natwe. Mbese icyo ni ukuri? Icyo ni ukuri.*

Nuko irema umuntu. Imana yari ari umwuka yari afite kuba umuntu w'umwuka. Akozwe mu ishusho yayo. Imushyira ku isi ngo ayobore inyamaswa zifite ubuzima n'ibindi nk'uko Umwuka Wera ufite kuba uyobora itorero uyu munsi. Uwo yari umuntu.

Mu gitabo **cy'ibihe by'Itorero urupapuro 30p** Mwene data Branham yaravuze, ati niba abantu batashobora kureba ukuri k'ubumana; ahubwo

bakakurwanya ntabwo bazigera babona ukundi kuri kose, Kubera ko uguhishurirwa ni Y esu Kristo mu Itorero rye kandi n'imirimo ye hagati mu Itorero mu bihe birindwi "Kandi no mu rupapuro 332 rw'igitabo cy'igihe cy'Itorero yavuze ati "Kristo ntiyamanukiye kwimenyekanisha ntiyaje no guhishura Umwana. Yaje guhishura no kumenyekanisha Data wa twese. Ntiyigeze kuvuga ku mana ibiri; yavuze ku Mana imwe. Kandi no muri iyi minsi y'imperuka, twongeye kugaruka inyuma ku guhishurwa kw'ibuye ry'umutemeri uguhishurwa kw'ingenzi ku ubumana. muri Bibiliya yose. Ni ukuvuga ***YESU NI IMANA, WE NA SE NI UMWE: HARIHO IMANA IMWE KANDI IZINA RYAYO NI UMWAMI YESU KRSITO.***

Guhera ubu, mukwiriye kumenya kandi mugasobanukirwa iyi nyigisho y'ubumana, kandi n'ubumwe buri hagati y'Imana imwe ariyo Data wa twese n'umwana wayo. Impapuro nkeya zikurikira ni ibihamya kandi ni ibyanditswe byongera gushimangira uku guhishurirwa. Ibi n'ibyo bihamya bikurikira bikuwe mu butumwa bwa Mwene data Branham byongeye kumurika umucyo kuri iki kigisho.

IBIBAZO N'IBISUBIZO KU ITANGIRIRO 15-32-COD 11-38 – 53-0729 *yavuze, ati "ubu none iyo hirya, mu gihe ako gacu kaje, ubu nta kindi kintu twanabona, ariko kubw'amaso y'indenga kamere turabona ako gacu gahagaraye iriya noneho uwo ni umwana w'Imana, ni Logosi. None ubu, nshoboye kumubona akinagira azenguruka nk'umwana muto, uri kurugi rwa Se, ari n'iteka ryose. Murabona? Kandi none ubu mu gutekereza kwe, yatangiye gutekereza ibintu bikwiriye kubaho, kandi ushobora kumva avuga, ati "reka habeho umucyo!!*

21-121ABAHEBURAYO IGICE CYA 1-57-0821"
"Logosi hamwe n'iyi soko ikomeye: iyi soko ikomeye y'Umwuka yari idafite itangiriro n'iherezo. Umwuka ukomeye watangiye kubaho mu irema kandi Logosi yasohotse ikavamo yari Umwana w'Imana. Niyo yari ishusho yonyine igaragara y'Umwuka, kandi yari tiyofani, ari cyo kimenyesha umubiri, kandi uwo mubiri wari usa n'umuntu.

202 IGISAKUZO – 64 –0206 1M, *Kandi aka gahungu gato, k'imyaka cumi n'ibiri nta bwenge na buke kari gafite, kuki, ariko umwana w'umuhungu w'imyaka cumi n'ibiri gusa. Se ntiyigeze kumuturamo icyo gihe; kuko yamujemo umunsi yamubatizaga, "yabonye Umwuka w'Imana umanuka kuri we, murabona, nuko umujyamo. "Ariko, murebe uyu mwana w'imyaka cumi n'ibiri w'umuhungu, kuko yari ari Ijambo: yabyawe ari umusigwa, murabona? Ngo abe umusigwa. Kandi niko yari ari. "Ntimuzi yuko ngomba kuba ndi ku murimo wa Data?"*

74 KRISTO YIHISHURIRA MU IJAMBO RYE 65 –0822. IM
Gusobanura nabi Yesu Kristu ko ari Ijambo, washobora kumuhindura umwe mu mana itatu. Cyangwa se ukamugira umuntu wa kabiri mu bumana. Kandi gukora utyo wakononera kimwe ibyanditswe byose. Ntaho wazigera kugera. Nuko ntirigomba gupfa gusobanurwa nabi.

***6 SHALOMO – V –13-N-5-64-0112**, Ariko, mu kuri kose ntitwari twarebana. Mbese icyo mwari mukizi? Ntabwo twari twarebanaho. Urumva ikintu kivugira muri uyu mubiri hano, kiba kigana icyo cyose kiri imbere. Nuko sero igihe tuvugana na buri umwe mukuri tuba tutavuga na n'umuburi. Ahumwo ni umwuka reba imbere.*

Nuko rero igihe tuvugana na buri umwe, mu kuri tuba tutavugana n'umubiri.Ahubwo ni Umwuka w'imbere mu mubiri. ariko umubiri ni ikigaragaza umwuka utura imbere yawo. Nuko noneho mu gihe tuvugana, tura….Ako kanya twashobora gubsobanukirwa niba turi abakristo cyangwa tutari bo, kuko hari ubumwe mu mwuka tuvugiramo, murabona, ko guterera kuri buri umwe yaba umukristo cyangwa se atariwe. Kubw'iyompamvu, ntitwari twigera kurebanaho.Yesu, "nta muntu wari wareba ku mana igihe icyo aricyo cyose ariko umwana umwe w'ikinege wa Data wa twese niwe wamwamamaje." Murabona? Muyindi mvugo, Imana yarahamirijwe. U-umuntu w'Imana yahamirijwe mu mubiri, umwami Yesu Krsito, nuko rero yari ishusho y'Imana igaragara. Cyangwa se, Imana yigaragaza ubwayo inyuriye mu ishusho, murabona, inyuriye mu ishusho, umuntu. Imana yaratwigaragarije kandi yari Imana. Si umuntu wa gatatu cyangwa wase umuntu wa kabiri: yari umuntu, Imana. Yari Imana ubwayo, yihamya, ubwo rero twashoboranga. Kuyumva tuyikozebeho. 1Timoteyo 3:16 "s'ugushidikanya Ubwiru bw'ubumana burakomeye cyane. Imana kwerekanwa. Cyangwa se kumenywa mu mubiri.'' Mbese icyo ntigitangaje? Imana! Kandi ntitwashobora gusobanukirwa Imana, ukuntu yagendaga mu nkingi y'umuriro, n'ibindi, uko yabikoze. Ariko twaramumenye igihe yahindukaga imwe muri twe, murabona, ubwo yahindukaga umuntu, Nuko rero yashoboraga kuvugana natwe, kandi twaramwumvaga, tukamufataho, tukamukoraho na buri kintu cyose. Kandi nk'uko ibyanditswe bivuga byeruye ko " twafashe ku Mana", murabona n'amaboko yacu, twamukozeho n'amaboko yacu.

***Z – 44 KRISTO – 55 – 0221** Imana, Immanuel, yiremeyeho uturemangingo tw'amaraso tubyara Umwana Yesu Kristo.*

***AMAZI YO GUTANDUKANA 55 – 0121 E – 24** Oh, niringiye ko mubibona. Uturemangingo tw'aramaraso twasandariye i Kaluvari ubuzima bwari mu turemangingo imbere.*

Nuko rero hamena uturemangingo, Kristo yakoze mbere na mbere, kwizana mu nda y'umwari, yiremeraho akaremangingo, Akaremangingo k'amaraso kororonsemo uturemangingo twinshi nuko tubyara Umwana, Krisito Yesu.

***Z-112 IMPUMYI BARUTOROMAAYO – 56-04AYE-12**, Noneho ubu Yesu - uwo yashoboraga kuvugana nawe muri ubu buryo igihe yari ari ku isi, ntiyatuye kuba Umukiza w'indwara, yatuye gusa ko yakoraga uko se amweretse ngo akore.*

Icyo Si ukuri? Ni bangahe bosoma icyo muri Bibiliya?

Murabizi, Uwera **Yohana 5:19**, *yuko Yesu Kristo ubwe, akiza umuntu indwara Oya. Yavuze ati, "Ntacyo nkora kugeza aho Data abanje kunyereka icyo gukora". Yabonaga Iyerekwa ry'icyo gukora.. Nuko rero yakoraga icyo Se amubwiye. Yavuze atyo, kandi n'amagambo ye, ni ukuri koko. Siko? Yohana 5:19, Igihe yavuze, ati; Ni ukuri, ni ukuri ndababwira yuko ari ntacyo Umwana abasha gukora ubwe atabonye Se agikora."*

Noneho yavugaga ukuri, kuko yari ari Uwera. Yari ari Umwana w'Imana. Kandi Imana Ubwayo yari muri Krisito iri guhuza isi nayo. Umubiri, Umuntu yari Yesu, Umwana w'Imana, ariko Umwuka ari muriwe, yari Yehova ubwe, ari mu Ngando y'umu biri w'umuntu. Kugira ngo akureho Icyaha.

197-IBIBAZO NIBISUBIZAA COD 361-406-59-0628.2E
Noneho hari Umuntu wavuze ati, "Mwene data Branham ni Uw'ubumwe. Oya mugabo sindi uw'ubumwe.Ntabwo nizera ko Yesu yibyaye. Nizera ko yari afite Se, Kandi Iyo yari Imana. Ariko Imana yari ituye mu ngando y'umubiri witwa Yesu. Kandi yari Imanueli Imana turi kumwe kandi ntabwo hariho indi Mana hatariho iyi Mana. Ni we Data, Umwana n'Umwuka Wera. Kandi Izina rya Data wa twese, Umwana, n'Umwuka wera... Data wa twese:Umwami, Umwana, Yesu, Umwuka Wera Logosi. Umwuka w'Imana. Data wa twese, Umwana, Umwuka wera. Umwami Yesu Krisito. Ni we uwo. Kandi muri we harimo ukuzura k'ubumana mu mubiri.

IBIBAZO N'IBISUBIZ: IGISHUSHANYO CY'I NYAMASWA 54-0515.
Kandi ntabwo ndi uwubumwe. Oya, Mugabo. Mwebwe abu butatu icyo mucyikuremo. Ntabwo ndi uwubumwe. Oya mugabo. Ntabwo ndi Uwubumwe, haba no kuba Uw'ubutatu. Nizera Icyo Bibiliya ivuga. Icyo nukuri Bibiliya ivuga. Icyo n'ukuri. Amina Whew… Mbona byinshi kuri kimwe. Icyo cyari iki? Mbese nagikuyeyo? Cyangwa reka turebe; Icyo cyari cyo? Yego, Icyo nukuri, Igifashe ku …… uko Data watwese yari muri Krisito. Yari ari Umuntu. Yari Umuntu – Mana.

E-440 UBUHAMYA WILLIAAM BRANHAAM. 60-0210.
Benedata nabashiki bacyu; turi abagaabo, nabagore, dufite gupfa, ariko Umwuka w'Imana uri muritwe, niyo Mana Imwe yahuye na Mose mu butayu. Yari iri muri Yesu Krisito ku isi. Kuko Ubuzima bwayo buhamya ko ari uwo mwuka Umwe. Nisezerano rya Krisito. Oh bite.. Nta Mwanya wa garukiraho.

E- 37 URUFATIRO RWA MAHAME YO KWIZERA 55-0113
None ubwo yari hano kwisi, yari icyo kureberaho cyuzuye cy'ubumana. Yari ukuzura kubumana Mumubiri Muri Krisito harimo Imana. Umubiri wa yesu niwo wari Ingando Y'Imana. Niho Imana Ikomeye yari ituye ubwayo mu muntu. Icyo muracyizera. Siko? Niko bikwiriye kugira ngo ukizwe. Ufite kwizera icyo.

25- ABAHEBURAYO IGICE 7, UMUGABANE WA III EB 292-25. ..57-0915-ZE. *Noneho, Impamvu hariho itandukaniro hagati Y'Imana na Yesu: Yesu Yari afite itangiriro. Imana yari idafite itangiriro, Melekisedeki yari adafite itangiriro, kandi Yesu yari afite itangiriro; Melekisedeki yari adafite itangiriro, kandi Yesu yari afite itangiriro. Ariko Yesu yari akozwe mushusho ye.*

ABAHEBURAYO IGIHE 7 UMUGABANE I 57-0915 E. 291-20 UBU, Nizera ko Pawulo *aduhereza ubusobanuro bushitse kuko uyu Melikesedekii umwami w'i Salemu… (umwami w'Isalemu, kandi uwigishijwe Bibiliya wese aziko Salemu ariyo… Yerusalemu mbere yari yitwa, yabanje.*

Kwitwa "Salemu" kandi yari ari umwami w'i Yerusalemu mwitegereze)… Umutambyi w'Imana ikomeye… (uwo ni uwiginga) uwahuye na Abrahamu. (Nenda kugera ku masekuruza ye; uyu muntu ukomeye, kugira ngo icy'ibanze mumenye uwo ariwe hanyuma turakomeza nibimuvugaho)… avuye gutsinda abami, amuha umugisha; kuri uwo… Aburahamu yahaye umugabane w'icya cumi… ibanze…. Mu nsobanuro umwami wo gukiranuka… Noneho, mwitegereze: gukiranuka… Noneho dufite ugukiranuka ko kumubiri wishakiye; dufite ukwigira umwizera w'umukiranutsi, Dufite ugukiranuka kuguye nukwingeri zose. Ariko hariho ugukiranuka kumwe nyakuri; uko nugukiranuka kuvuye ku Mana; kandi uyu muntu yari ari umwami wogukiranuka. Yari afite kuba arinde? None yari umwami no gukiranuka, umwami w'Iyerusalemu, umwami wo gukiranuka, umwami wamahoro. Yesu yari yitwa Umwami w'amahoro, kandi Umwami w'amahoro ni umwana w'Umwami. Nuko rero uyu muntu yari ari Umwami w'amahoro, rero yari afite kuba Se w'Umwami w'amahoro. Mucyakire?

291-22. Noneho, reka turebe tugere ku masekuruza mbere ho gato, kureba iyo turikujya. Twatekereza Se… (None, Yesu yari afite Se icyo muracyizera? Ni ukuri yari we.) … Hatariho nyina. (Yesu yari afite nyina ariko uyu muntu yari adafite Se cyangwa nyina)… adafite uwo akomokaho, haba namase kuruza. Nuko yahoze ari).. Adafite amasekuruza, adafite Itangiriro ry'ibihe… (Yari adafite igihe na kimwe ni we watangiye igihe cyose) ntiyari afite iherezo ry'ubugingo…(Ntiyari ikindi cyose ahubwo yari Imana. Icyo nicyo nyine yari afite kuba cyo).

292-23. Noneho, witegereje neza, twongera gusoma umurongo ukurikira, murabona? Mbere kubwo ubusobanuro, Umwami wo gukiranuka… (Aho siho nenda gukura. Umurongo wa 3-) haba n'iherezo ry'ubugingo; ahubwo yari asa n'Umwana w'Imana…)Noneho, ntabwo yari ari Umwana w'Imana. Kuko iyo aba Umwana w'Imana yajyaga kuba afite itangiriro, kandi uyu muntu yari adafite itangiriro. Iyo aba umwana, yajyaga kuba afite Se na nyina ariko yakozwe nk'Umwana w'Imana) Aguma ari umutambyi ibihe byose. None Dokiteri Scofield agerageza kuvuga ko bwari buri ubutambyi, bwitwa ubwa Melekisedaki. Ariko nifuza kubagezaho iki akanya gato. Niba bwari ubutambyi, rero bwajyaga kugira itangiriro, cyangwa iherezo. Kandi, ntiyavuze ko yahuye n'ubutambyi, yahuye n'umuntu, izina rye aryita Melekisedeki yari ari umuntu atari Idini umuntu w'izina rya Malekisedeki, wari Umwami w'i Yerusalemu. Atari ubutambyi, cyangwa ububyeyi nka Se ,ahubwo Umwami udafite Se, ubutambyi ntibugira se. Kandi uyu muntu yari adafite Ise. Adafite nyina adifite atangiriro ryibihe, cyangwa iherezo ryubugingo none ho, umwana wImana…uyu we yari, yari ari Yehova! Uyu yari Imana ikomeye ubwayo, ntafite kuba uw'undi.292-25. Noneho mwitegereze… Ahoraho… (Afite ubuhamya ko ahoraho atigera gupfa. Ntiyigeze… nta kindi icyo yari cyo ahubwo yari muzima)…. Ahoraho. None, Yesu yari nka we. Noneho, Impamvu ituma bafite itandukaniro hagati y'Imana na Yesu yari afite itangiriro ariko Yesu yari afite ishusho ye… umutambyi uhoraho.
ABAHEBURAYO IGICE 7:1 57-0915 E 305-93 *ubu turashaka kwitegereza hano, n'ubundi tugikomeje iki gisomo cya Melekisedeki, uyu mutambyi ukomeye w'i Salemu, kandi nyiri Ijuru n'isi. Ubu kuba icya mbere… Adafite Se, adifite nyina, adafite amasekuruza, adafite itangiriro ry'ibihe, cyangwa iherezo ry'ibihe, ahubwo yari asa n'Umwana w'Imana: ari umutambyi uhoraho. Noneho itegereze. Ntiyari Umwana w'Imana; yari ari Imana y'Umwana. Ntabwo yari ari Umwana w'Imana (Melekisedeki sicyo yari cyo), ahubwo yari ari Se mu Mwana w'Imana.*

KUVA MUBAHEBURAYO IGICE 7 UMUGABANE 1- 57-0915E *3309-118 uwo Melekisedeki wahuye na Abrahamu avuye gutsinda abami. Mu kuri*

Imana yo mu ijuru ELOHIMU, Ndiho ukomeye, Atari nari ndiho, ahubwo Ndiho (imvugo ya none). "Kandi amuha umugisha" umviriza hano gato kugira ngo duhurize hamwe isomo. None ku murongo wa 4… ubanze witegereze uburyo uyu muntu yari akomeye… ari hejuru y'Umwana w'Imana. Umwana w'Imana yari afite Se na nyina we ntiyari abafite. Umwana w'Imana yari afite itangiriro ry'ibihe n'iherezo ry'igihe. Uwo yari nde? Uwo yari Se w'Umwana. Uwo ni cyo yari cyo.

ABAHEBURAYO IGICE 7 UMUGABANE 2 57-0922-341-306
Kandi uyu Melekisedeki ntabwo yari ari Yesu yari ari Imana. None ni iki cyateye itandukaniro hagati ya Yesu n'Imana , nuko…Yesu yari ingando Imana yaturagamo. Murabona? Noneho Melekisadeki … Yesu yari afite Se na nyina bombi, kandi uyu muntu yari adafite Se na nyina. Yesu yari afite itangiriro ry'ubugingo kandi yari afite iherezo ry'ubugingo. Uyu muntu yari adafite Se, nta nyina, nta tangiriro ry'ibihe, cyangwa iherezo ry'ubugingo. Ahubwo yari umuntu umwe. Yari ari Melekisedeki kandi Yesu yari uwo: Ariko Yesu yari umubiri we wo ku isi, wabyawe afite kamere y'icyaha: umubiri w'Imana ubwayo, Umwana wayo, abyawe afite ishusho y'icyaha kugira ngo akureho urubori rw'urupfu, no kwishyura igiciro, no kwakira abahungu n'abakobwa abishyira. Icyo murakimenye? Niyo mpamvu yari afite itangiriro n'iherezo.

KUKI URIRA VUGA 59-1004E E-48*. None ni bangahe bazi yuko Krisito ari Umwuka w'Imana? Twese turabizi. Ni umusigwa. Yesu yari ari Umusigwa. Aho niho abantu bizera ko hariho Imana Itatu cyangwa enye zitandukanye; bakavangindwa. Murabona? Imana ni Umwuka. Yesu yari umubiri uwo Umwuka w'Imana wari utuyemo, bya mugize Emanueli, Imana. Umubiri we yari Umwana w'Imana, kuko Imana ariyo yamuremye, ariko munda yari ari Imana. "Ntabwo ari njye ":Yesu niko yavuze, "ukora Imirimo, ni Data umbamo. Kandi ucyo gihe muzamenya ko ndi muri Data, Data aka muri njye, nanjye muri we, na mwe muri njye" Niko uko*

IBYANDITSWE BIVUGA K'UBUMANA .

Yohana :4:20-24 Imana ni umwuka. Tugomba kumenya uwo dusenga.

1Yohana 3:2 Tumureba uko ari
Luke 2:11 Kuvuka ari umukiza
Matayo 2:1-3 Gusohoza umurimo
Matayo 2:4-6 mika 5-2 Abahanuzi barahanuye
Itangiriro 3:15 imbuto y'umugore yasezeranyijwe
1 Timoteya 3:16 Imana yiyerekanye mu mubiri
Abaroma 8:3 Yohana 3:16 Umwana yatumwe gupfa.

Zaburi 2:6-7/11-12 Yesaya 7:14 Imigani 30:4 Yehova n'umwana we. gutegeka kwa kabiri 6:4 guhamya Imana Imwe.
Abaheburayo 2:11 Yohana 20:19 Yesu ni Mwene Data
Luka 1:31 Yesu (umubiri) yari afite itangiriro.
Yohana 13:3/17- 5. Ijambo ryihinduye mbere na mbere kuza kwa mbere kw'Imana mu mubiri.
Luke2:8-12 Yesu yavutse mu mubiri
Abaheburayo7:1-3 Imigani 8:22-30 Yohana 1:1 &14 Yesu wabayeho mbere na mbere. Guhinduka umubiri mbere" kubaho kare mu mubiri."
Luka 1:30 -37 Imana yakingirije Mariya imuremamo, "intaga/igi Imana-bugingo, mu turemangingo twa muntu.

Luka 3:21-22 ubwo umwuka wera wa manukiraga umwana we, kumugezi Yorodani.
Abakolosayi 2:9 Ubumana bwagumye muri Yesu Krsito.
Luka 10:21-22 Luka 11:1-4 umwana yasenze Se.
Matayo 26:36-46 igihe (Umwuka Wera) yavaga mu Mwana wayo.
Abakolosayi1:12-19 kunyurira mu mwana, Imana yaremye byose.

Abafiripi 2:5-8 Umwana wihinduye umubiri mbere afata ishusho y'umuntu.
2 Yohana 1:3 Petero 1:3 Abaheburayo 1:5 Matayo 17:1-8 Abaroma 1:1-3 and 9 Abakolosayi 1:3 Imana yagize Umwana.
Abaheburayo 1:1-3 umwana ni igishushanyo cyagarajwe: kamere y'Imana.
Mariko 14:60-62 umwana ntiyavuze ko ari Data.
Yohana 10:30 umwana avuga ko ari umwe na Data.
Yohana 14:8-10 Umwana yavuze ko se yari ari muriwe.
1Timoteyo 6:13-16 kuva33:20 Imana n'Iy'iteka,
n' umwuka uta bonwa.
I Yohana 1:1-3 ubuzima butabonwa bwagizwe ububonwa mu mwana.
Yohana 4:43 Abafiripi 2:9-11 Izina ry'umwana nicyo kimwe n'irya Se.
Ibyakozwe n'Intumwa 9:1-5 inkingi y'umuriro yitwa Yesu.
Yohana 13:3 umwana mu mubiri-Mana mbere yokuba umubiri
Yohana 17:5 Umwana na Se mbere yo kuremwa kw'isi.
Ibyahishuwe 3:14 umwana ni ikiremwa cyambere cy'Imana. 2 Abakorinto 5:18-19 Imana muri Kristo. "Urufunguzo ku guhishurwa k'Ubumana.

Matayo 22:41-46 abami babiri. Ariko Imana imwe
1 Abakorinto15:20 -28 inshingano ya Se /umwana
24-Umwana yegurira Se ubwami.

25-Ise arategeka kugeza ubwo ibintu byose bizashyirwa . munsi y'ibirenge by'umwana.

27 Ise ashira ibintu byose munsi yibirange byumwana, uretse we ubwe.
28: umwana ubwe yishize mukugandukira se.
1ABAT 4:16 abami babiri. Umwe umanuka, umwe duhurira mukirere

ABafilipi 2:9 Ibyahishuwe 22:8-9 Yesu Krisito niwe muntu wenyine wamerwa ko asengwa.

Yohana 14:6, I Yohana 2:22-23. Usenge Imana unyuriye mu mwana (imvugo)
ABAROMA: 1:2-3:2 Krisito yari imbuto ya Dawidi ku mubiri.
3 Kristo yari umwana wumwuka wera Imana .
Ibyahishuwe 4:2-3, Ezekeyeli 1:26-28, ibyahishuwe 5:5-7, Yohana1:18, umwana w'Intama w'Imana yavuye kuri uwo wicyara kuntebe y'ubwami.

ABAROMA 8:32 Udapfa, umwuka utabonwa, Imana yari ifite umwana.

ABAFILIPI 2:5-8 Kirisito yiyerekanye mbere mumubiri hamwe n'Imana.
6 Krisito yasize umubiri w'ubumana (Theophanic)
7Krisito yagize akamero k'umuntu.

ABAHEBURAYO 1:3 Krisito nukugaragara kw'Imana itabonwa.

umwanzura wa Pawulo, Petero, Yuda Yohana kuri buri rwandiko rw'itorero byerekana ko bari bazi itandukaniro ry' umwana na se.

ABAROMA 1:1 Pawulo imbata ya Yesu Krsito, wahamagariwe kuba intumwa, kandi watoranirijwe ubutumwa bwiza bwiza bw'Imana ubwo yasezeranyije kera mukanwa k'abahanuzi bayo mu byanditswe byera, bivuga iby'umwana wayo wavutse muru byaro rwa Dawudi ku mubiri kandi werekanywe n'abushobozi ko ari umwana w'Imana mu buryo bw'umwuka wera bigahanywa no kuzuka kwe niwe Yesu-Kristo Umwami wacu.

Abakorinto 1:3 ubuntu n'amahoro bibe muri mwe biva ku Mana Data wa twese no kumwami Yesu Krsto.

2 Abakorinto 1:2-3 ubuntu bube muri mwe n'amahoro biva ku Mana Data wa twese no ku Mwami Yesu Kristo. Hashimwe Imana y'umwami wacu Yesu Kristo ariyo na se ari nayo Data wa twese w'Imbabazi n'Imana nyirihumure ryose.

Abagalatiya 1:1 Pawulo (intumwa itari iy'abantu kandi itatumwe n'abantu, ahubwo yatumwe na Yesu Kristo n'Imana Data wa twese yamuzuye. Njye na

Benedata turi kumwe bose, turabandikiye mwebwe abo mu matorero y'iGalatiya ubuntu bube muri mwe n'amahoro biva ku Mana Data wa twese woku mwami wacu Yesu Krisito witangiye ibyaha byacu ngo aturokore iki gihe kibi cya none nkuko Imana Data wa twese yabishatse.

Abafeso 1:2-3 Ubuntu bube muri mwe n'amahoro biva ku Mana Data wa twese no ku mwami yesu Kristo.

Imana y'Umwami wacu Yesu Kristo, ariyo nase ishimwe, kuko yaduhereye muri Kristo Imugisha yose y'umwuka yo mu ijuru.

Abafiripi 1:2 Ubuntu bube muri mwe n'amahoro, biva ku Mana Data wa twese no ku mwami Yesu Ksristo.

Abakolosayi 1:2-3 Turabandikiye benedata bo muri Kristo bera bo kwizerwa, bari I Kolisayi. Ubuntu n'amahoro bibe muri mwe biva ku Mana Data wa twese. Dushima Imana Se w'Umwami wacu Yesu Kristo uko tubasabiye iteka ryose.

1 Abatesalonike 1:1-3 Pawulo na Siruwano na Timoteyo turabandikiye mwebwe abo mu torero ry' Abatesalonike bari mu Mana Data wa twese no mu mwami Yesu Kristo ubuntu n'amahoro bibe muri mwe.
Mwese tubashimira Imana iminsi yose tubasabira uko dusenze, 3 twibuka iteka imirimo yanyu yo kwizera n'umuhati n'urukundo mugira, no kwihangana kubwo kwiringira umwami wacu yesu Kristo, imbere y'Imana yacu ari yo Data wa twese.

2Abatesaloniki 1:1-2 Pawulo na Siluwamo na Timoteyo,

Turabandikiye mwebwe abo mu itorero ry'abatesalonike, bari mumana Data wa twese no mu Mwami Yesu Kristo ubuntu n'amahoro bibe muri mwe biva ku Mana Data watwese no ku mwami yesu Ksristo.

1 Timoteya 1:1-2 Pawulo wagizwe intumwa ya Kristo yesu, kubw'itegeko ry'Imana umukiza wacu na Kristo Yesu. Ariwe byiringiro byacu, ndakwandikiye Timoteyo, umwana wanjye nyakuri nibyariye mubyo kwizera. ubuntu n'imbabazi, n'amahoro bibe kuri wowe, biva ku Mana Data wa twese no kuri Krisito Yesu umwami wacu.

2 Timoteya 1:1-2 Pawulo wagizwe intumwa ya Krisito yesu kubwitegeko ryImana nk'uko Imana yabishatse, kandi nk'uko isezerano ry'ubugingo bubonerwa muri Kristo Yesu riri, ndakwandikiye Timoteyo, umwana wanjye nkunda.

Ubuntu n'imbabazi n'amahoro bibe kuri wowe, biva ku Mana Data wa twese no kuri Kristo Yesu umwami wacu.

Tito1:4 Ndakwandikiye Tito, umwana wanjye nyakuri kubwo kwizera dusangiye. Ubuntu n'amahoro bibe kuri wowe biva ku Mana Data wa twese no kuri Kristo Yesu umukiza wacu.

Filemoni 1:3 Ubuntu bube muri mwe n'amahoro, biva kuMana Data wa twese no ku mwami yesu Kristo.

Abaheburayo 1:1-2 kera Imana yavuganiye naba sogokuruza mu kanwa k'abahanuzi mubihe byinshi nomuburyo bwinshi, naho muri iyi iminsi y'imperuka yavuganiye natwe mukamwa k'umwana wayo uwo yashiriyeho kuba umuragwa wa byose ariwe yaremesheje isi.

Abaheburayo 1:5 Mbese ninde wo mubamarayika Imana yigize kubwira iti uri umwana wanjye uyu munsi ndakubyaye"? cyangwa ngo ivuge iti "nzabase, nawe azaba umwana wanjye?

1 Petero 1:2-3 mwatoranijwe nk'uko Imana Data wa twese yabamenye kera mubiheshejwe no kwezwa n'Umwuka, kugira ngo mwumvire Imana munjagiwe amaraso ya Yesu Krisito ubuntu n'amahoro bigwire murimwe.

Imana y'umwami wacu Yesu Kristo arinayo se, ishimwe kuko yatubyaye ubwa kabiri nk'uko imbabazi zayo nyinshi ziri kugira ngo tugire ibyiringiro bizima tubiheshejwe no kuzuka kwa Yesu Krisito.

2 Petero 1:1-2 Simoni Petero imbata ya Yesu Krisito n'intumwaye, ndabandikiye mwebwe ibagabanye kwizera kw'igiciro cyinshi guhwanye nukwacu muguheshejwe no gukiranuka kwa Yesu Kristo ariwe Mana yacu n'umukiza. Ubuntu n'amahoro bigwire murimwe, mubiheshwa nokumenya Imana na Yesu umwamiwacu.

1Yohana 1-2-3 kandi ubwo bugingo bwarerekanywe turabubona, turabuhamya kandi none turababwira iby'ubwo bugingo buhoraho, bwahoranye na Data wa twese tukabwerekwa. Ibyo twabonye tukabyumva nibyo tubabwira kugira ngo namwe mufatanye natwe, kuko ubwacu dufatanije na Data wa twese n'umwanawe Yesu Krisito

2Yohana 1:3 ubuntu n'imbabazi n'amahoro biva ku mana Data watwese no kuri Yesu Krisito umwana we, bibane nanwe mu kuri no mu rukundo.

2 Yohana 1:9 umuntu wese urengaho ntagume mubyo Kristo yigishije ntafite Imana, naho uguma mubyo yigishije niwe ufite Data wa twese n'umwana we.

Yuda1;1 Yuda imbata ya Yesu Kristo kandi mwene se wayakobo ndabandikiye mwebwe abahamagawe, bakundwa kuko muri mu Mana data wa twese, mukarindirwa Yesu Kristo kandi abahamagawe…Niringiye ko mureba itandukaniro rigizwe n'iyimirongo y'ibyanditswe byonyine. Nanone niba mubishaka, twakongera kugenzura ibyanditswe cyumi numunani bivuga ku kuzuka kwa Yesu mu bapfuye n'Imana se atari kubwe.

Abaroma 10:9 Nuwatuza akamwa kawe yuko Yesu ari umwami ukuzera mumutima wawe yuko Imana yamuzuye, uzakizwa

Ibyakozwe n'Intumwa 2:23-24 uwo muntu amaze gutangwa nk'uko Imana yabigambiriye, ibimenye bitari byaba, mwamubambishije amaboko y'abagome muramwica. Ariko Imana yaramuzuye ibohoye umubabaro uterwa n'urupfu, kuko bitashobotse ko akomezwa na rwo.

Ibyakozwe n'Intumwa 2:32-33 Imana yazuye Yesu uwo natwe twese turi abagabo bo guhamya ibyo. nuko amaze kuzamurwa n'ukuboko kw'iburyo kw'Imana no guhabwa nase ibyo yasezeranije aribyo Mwuka wera, none asutse icyo mureba kandi mwumva.

Ibya. 3:14-15 Arikomwihakana uwera kandi umukiranutsi, musaba ko bababohorera umwicanyi, nuko wa mukuru w'ubugingo muramwica, ariko Imana iramuzura. Natwe turi abagabo bo guhamya ibyo.
Ibyako 3:26 nimwebwe Imana yabajye gutumaho umugaragu wayo imaze kumuzura kugirango abahe umugisha abahindur, umuntu wese ngo ave mu byaha bye.

Ibyakozwe 4:10 Ariko mumenye mwese nabantu bose bomu bisarayeli, yuko ari izina rya Yesu Krsito w'Inazareti, uwo mwabambye Imana ikamuzura ari ryo ritumye uyumuntu ahagarara imbere yanyu ari muzima.

Ibyakozwe 5:30-32. Imana yasogokuruza yazuye Yesu, uwomwishe mumubambye kugiti.

Imana yaramuzamuye imushira iburyo bwayo ngo abe ukomeye numukiza, aheshe ab'isirayeli kwihana no kubabarirwa ibyaha. Natwe turi abagabo boguhamya ibyo hamwe nu mwuka wera, uwo Imana yahaye abayumvira.

- *Ibyakozwe 10:40. Ariko Imana imuzura kumunsi wa gatatu, imwerekana kumugaragaro.*
- *Ibyakozwe13:29-33. Bamaze gusohoza ibyanditswe kuri we byose, bamumanura kugiti bamushira mumva. Ariko Imana iramuzura.Iminsi myinshi abonekera abajyanaga nawe ava i Galilaya ajya i Yerusalemu, abo nibo bagabo bo kumuhamya ubu imbere yabo Bantu. Natwe turababwira inkuru nziza yisezerano rya sezeranijwe ba sogokuruza, 33 yuko Imana aritwe yabishohorejeho, twebwe abana babo ubwo yazuraga Yesu, nk'uko byanditswe muri Zaburi yakabiri ngo uri umwana wanjye, uyu munsi ndakubyaye.*
- *Ibyakozwe 13:37 Ariko uwo Imana yazuye ntara kabora.*
- *I bakorinto 6:14 Kandi ubwo Imana yazuye umwami Yesu, natwe izatuzurisha imbaraga zayo.*

  I ABAKORINTO. 15:23-28 Ariko umuntu wese mu mwanyawe kuko Kristo ariwe Muganura, maze hanyuma abaKristo bakazabona kuzuka ubwo azaza. 24 Nibwo imperuka azaherako isohore, ubwo azashikiriza Imana ubwami ariyo data wa twese amaze gukuraho ingoma zose nubutware bwose, n'imbaraga zose, kuko akwiriye gutegeka kugeza aho a zashyirira abanzi be munsi yibirenge bye,

  Umwanzi uzaheruka gukurwaho ni urupfu. 27 kuko handitswe ngo"yamuhaye gutwara byose abishyira munsi y'ibirenge bye". Ariko ubwo Ivuga iti "Ahawe gutwara byose" biragaragara yuko iyamuhaye igutwara byose itabibariwemo. Nuko byose nibimara kumwegurirwa, nibwo n'Umwana w'Imana ubwe azi yegurira Iyamweguriye byose kugira ngo Imana ibe byose kuri bose. Hano turabona neza ko Imana izaguma hejuru yumwana.

- ***ABAGALATIYA:1:****1 Pawulo (Intumwa itari Iy'abantu kandi itatumwe n'umuntu, ahubwo yatumwe na Yesu Kristo N'Imana Data wa twese yamuzuye.*
-
- ***ABAKOLOSAYI 2:12****. Kuko mwahambanywe nawe mumubatizo kandi nimwe mwazuranywe nawe kubwo kwizera imbaraga z'Imana yamuzuye mu bapfuye.*
- *1 Petero 1:21 Abo yahaye kwizera Imana yomuzuye ikamuha icyubahiro, kugira ngo ukwizera kwanyu n'ibyiringiro byanyu bibe ku Mana.*
- *Ibyakozwe 2:30-33. Nuko rero, kuko yari umuhanuzi akamenya ko Imana yamurahiye indahiro, yuko izamuha umwe mu buzukuruza be ngo abe ariwe usubira ku ngoma ye, yavugaga ibyo kuzuka kwa Krisito abibonye bitari byaba. Nicyo cyatumye avuga ko atarekewe ikuzimu, kandi ngo n'umubiri*

we nturakabora Imana yazuye Yesu uwo, natwe twese turi abagabo bo guhamya ibyo. Nuko amaze kuzamurwa n'ukuboko kw'iburyo kw'Imana, no guhabwa nase ibyo yasezeranye aribyo umwuka wera, none asutse icyo mureba kandi mwumva.
ABAHEBURAYO 11:17-19: Kwizera niko kwatumye Aburahamu atamba Isaka, ubwo yageragezwaga.

Abaheburayo 11:17-19 kandi dore uwasezeranijwe, ibyasezeranijwe yari agiye gutamba umwana we w'ikinege, 18 uwo yabwiwe ibyo ngo kuri Isaka niho urubyaro ruzakwitirirwa". Kuko cyibwiye yuko Imanaibasha ndetse kuzura n'abapfuye, nicyo cyatumye amugarurirwa nk'uzutse.